# Umunsi Mukuru w'Impanda

Jeffersonville, Indiana, USA
19 - 07 - 1964

1 Twicishe bugufi. Mwami, igihe kimwe, abigishwa bakundwa Bawe bavuze bati: “Twigishe gusenga.” Mu by'ukuri, iyo tubonye Imana ikomeye y'Ijuru, tumenya ko tudahagije. Rero, twigishe gusenga, Mwami, mu mitima yacu noneho, ku bw'ibintu byagirira umumaro Ubwami Bwawe n'abagaragu Bawe. Uzi ibyifuzo bya buri muntu uri hano.

Kandi hano ku gicaniro, muri iki gitondo, hari imishwari n'udutambaro, n'udukoresho duturutse mu bantu, bakeneye ubufasha mu by'umubiri, no mu by'umuryango, uko ubukene bwaba bungana kose. Ah'ubwo Uri Imana, Imana imwe rukumbi, Imana imwe rukumbi ibaho. Kandi tugusabye mu Izina rya Yesu, Umwana Wawe ukunda, gukiza buri wese muri aba bantu. Kandi byashoboka ko haba abantu hano badafite umushwari hano, ntibanagire n'ikintu, kandi bakaba bakeneye gukira.

Byashoboka ko haba abantu mu bihugu bitandukanye, hose mu isi, bazagerwaho n'iyi bande mu ngo zabo cyangwa mu nsengero zabo. Dusabye, Mwami, ngo mu materaniro, mu-mu… cyangwa mu gihe bazaba bacuranga iyi bande, cyangwa uko twaba duhagaze cyangwa-cyangwa uko twaba turi kose, Imana ikomeye yo mu Ijuru yubahirize ubunyakuri bw'imitima yacu muri iki gitondo, maze Ikize abafite ibibazo, Ibahe ibyo bakeneye.

Duhe umugisha noneho mu materaniro aza gukurikira. Vugira muri twe uko bitigeze kuba, mu nyungu z'Ubwami bw'Imana. Dutegereje, mu Izina rya Yesu, igisubizo Cyawe. Amina.

2 Washobora kumfasha muri ibi? [Mwene Data Branham ajyana ahandi ibikoresho bari bashyize ku gicaniro.-U.I]

Biranejeje kuba hano, kugaruka mu rusengero muri iki gitondo. Maze kuvugana n'incuti ziturutse muri Ohiyo (Ohio), ku birebana n'akana k'agakobwa kari kazanywe hano mu mezi make ashize, kari kishwe na lukemiya (kanseri yo mu maraso). Bari abantu b'abakene cyane, ababyeyi. Kandi, nta igihe mfite, muri iki gitondo, cyo gusoma u-ubuhamya, buri bugerekwe kuri dosiye. Ariko dore ifoto y'ako kana nyuma y'iminsi itatu, ntekereza ko ari ibyo, nyuma y'aho tumusengereye. Abaganga ntibari bamurengereje iminsi itatu yo kubaho, maze nyuma y'iminsi itatu ntibari bagishobora no kubona n'akamenyetso kayo na gato. None ubu, ari ku ishuri, anezerewe cyane. Sinshidikanya ko itorero ryibuka igihe bamuzanaga mu cyumba, hano.

Hari kandi na rwa ruhinja rwari rwavukanye ubura, hanze. Ku mpamvu imwe cyangwa indi, abaganga, n'uko uruhinja rwari rumeze, uburyo ubura bwari bukozemo nta washoboraga kubusubiza mu mwanya wabwo. Bari batinye kurukoraho, kuko ari bwo rwari rukivuka. None ubu, uwo mwana afite nk'umwaka umwe, ni ko ntekereza, ikintu nk'icyo, n'ubura buzima, byose ubu ni bizima. Ni ubuntu bw'Imana gusa, ni Nziza cyane kuri twe.

3 Noneho, ubu, nashakaga kumenyesha ko amateraniro twari twateganije, ayo nateganyagamo mu cyumweru gitaha, kujya muri-muri Afurika, kubana na Mwene Data Yozefu Boze, hariya, muri Kenya no muri Tanganyika. Ntituzashobora gukora amateraniro, twakiriye telegaramu ya Mwene Data Boze ivuga iti: “Mu cyumweru gishize, batatu mu bogezabutumwa bacu barapfuye, bishwe.”

Hariya hari imyivumbagatanyo muri iki gihe. Abakomunisite baha intwaro ba kavukire rwihishwa, bavuga ko bafite amato y'uburobyi hose, Ubushinwa bwa gikomunisite n'Uburusiya; bakaba baha ba kavukire imbunda, maze bo, bakazikoresha ku cyo babonye nk'intego cyose, nta kundi bazi gukora. Rero, hariya, Le-Le-Leta yatekereje ko byaba ari nta bwenge bubirimo gukorerayo amateraniro muri iki gihe. Kandi nkurikije icyo nasobanukiwe, Mwene Data Boze nta n'ubwo ashobora gukinguza inzugi z'ishuri rye, mu karere najyagamo, icyo gihe. Ariko ntibyakuweho, ni ukubyimurira mu kindi gihe gusa, kugeza ubwo bazagarura ituze.

4 Nejejwe cyane muri iki gitondo, no kongera kubona hagati muri twe, nyuma y'igihe kirekire tutababona, Mwene Data Jackson, Mwene Data Sidney Jackson na Mushiki wacu Jackson, bo muri Afurika y'Epfo. Baba bavuze? [Mwene Data Neville avuga ati: “Yego.”-

U.I.] Kandi, abo bantu bambereye bene Data na mushiki wacu nyabo, n'abafatanyabikorwa mu murimo wo muri Afurika y'Epfo, mu rugendo rwanjye rwanyuma nakoreye hariya. Kandi twiringiye ko igihe kimwe, ku bw'ubuntu bw'Imana, tuzashobora gusubirayo kubana na bo kuko ari ngombwa.

Maze imyaka icyenda ngerageza gusubirayo. Ariko, kubera amadini n'ibindi, banyangiye gusubirayo. Rero, mperutse kubohereza urwandiko, mbabwira nti: "Kuri ubwo, amaraso y'ubwo bugingo burimbuka azababarweho, ntazambarweho." Mu by'ukuri, ntekereza ko Imana ishaka gukoresha umurimo wanjye hariya, ku bwa bariya bantu, uhereye kera. None kubera isinde rya kinyedini riri hagati yabo, banyangiye gusubirayo. Ariko nta cyo bitwaye, Uwiteka agiye kubyitaho.

5 Noneho, icyo nashakaga kuvuga muri iki gitondo, niba ari ubushake bw'Imana, Mwene Data Neville yansabye kuba ari njye uza kuyobora amateraniro ya nimugoroba mu rusengero. Rero, tu… Murararitswe. Hanyuma, ku cyumweru utaha, niba ari ubushake bw'Uwiteka, nanjye ngomba kuba hano; hanyuma wenda ku minsi y'icyumweru ibiri cyangwa itatu itaha, nk'uko, havuyemo uriya, w'ariya materaniro yategurwaga, ayasibanye.

6 Ni byiza, twifuzaga kongeraho ko nari navuze ko twari tugiye wenda kubwiriza ku Mpanda Zirindwi muri iki gihe. Twibazaga uko twajyaga kubigenza mu by'ukuri, nk'uko icyumba ari gito kandi tukaba tudafite ibyuma Bizana amafu, icyumba nta byuma bitanga amafu gifite. Cyasigaye inyuma mu iterambere, ku bijyanye n'ibyuma bitanga amafu. Kandi twagerageje gukodesha ishuri hano, rifite ibyuma bitanga amafu, aho twashobora kwicaza umubare w'abantu ungana… yoo, simbizi; hari imyanya myinshi yo kwicaramo, ishuri ryiza cyane. Ariko nta cyo twashoboye kubona.

Kandi byajyaga kuba, baduhaga icyumweru gitaha. Ariko icyumweru gitaha? Murabona, hari intumwa zizaturuka mu duce tunyuranye tw'isi: muri Jamayika, no mu Birwa, no mu majy'epfo, no muri Amerika y'Amajy'Epfo, muri Kanada, muri Megizike, no mu bihugu binyuranye. Rero, iyo aba twari duteguje abantu dukoresheje iposita ku wa mbere, bakwakiriye ubutumwa bitari mbere yo ku wa gatatu cyangwa ku wa kane; hanyuma, byaba ngombwa ko basaba iminsi y'amakonji n'ibindi, bigatera iyo gahunda kudashoboka.

Ibyumweru bikurikiyeho, kugeza ku gutangira kw'amashuri, ni, byaba ngombwa gufata umugoroba umwe, hanyuma tukaruhuka umugoroba umwe cyangwa ibiri, hanyuma tugakomeza, hanyuma… Ntiwashobora mu by'ukuri gukora dutyo. Ntimwashobora kuza.

7 Nibajije impamvu yabyo, mu gihe nari nasenganye ubunyakuri. Hanyuma, cyenda kuba igihe cyo gusubira muri Arizona, ku bwo gutangira amashuri kw'abana. Rero, tu… Navuganaga n'umugore wanjye.

Mu by'ukuri, ejo nagiye mu cyumba, maze mvuga nti: "Mwami, si-sindi bukoreshe wenda amagambo menshi, ariko wumve, nyamuneka, yoo Mana, icyo nshaka kuvuga, mu mutima wanjye. Izi nzitizi zose ni iz'iki, byose ari ibyo kumbuza kubwiriza izi Mpanda?" Hanyuma Araza maze Arabimpishurira. None ubu, muri iki gitondo, ndashaka kubabwira impamvu yabyo.

Kandi noneho, muri twe abafite za Bibiliya kandi, tu-tukaba dushaka kubumbura Bibiliya zacu. Turabanza gufata mu Balewi, mu gice cya 23 cy'Abalewi.

Niba ari ubushake bw'Uwiteka, uyu mugoroba ndi bubwirize kuri uyu mutwe: Gusohoka mu ngando. Kiraba ari kigufi, bityo murabona igihe cyo gutaha ku bw'umurimo.

8 Tunejejwe no kubona abashyitsi hagati muri twe, abantu batari abo muri uyu murwa. Ni bangahe bari hano batari abo muri uyu murwa? Hinga turebe. Mirongo cyenda na batanu ku ijana, yego, mirongo cyenda n'umunani ku ijana by'iteraniro. Rero, murabona, si Jeffersonville, ni abantu baje i Jeffersonville, bagira… Tubeshejwe hano n'ubuntu bw'Uwiteka.

None ubu, ndashaka gusoma ibisomwa bitatu muri iki gitondo. Kimwe muri byo kiri mu Balewi, igice cya 23, na ho ikindi, kikaba ari muri Yesaya 18, no muri Yesaya 27, ku bwanyu mwebwe mubyandika.

None ubu, aho kubwiriza… Niba ari ubushake bw'Uwiteka, ni cyo ndi bukore uyu mugoroba. Ariko muri iki gitondo, ngiye kwigisha ku munsi mukuru w'impanda zirindwi.

Agatsinda, uku kwezi, ni umunsi mukuru w'impanda zirindwi, uhereye… kandi ni ukwezi kwa karindwi, byaba ari itariki 15 Nyakanga yaranga itangira ry'umunsi mukuru w'impanda zirindwi, dushingiye ku mategeko y'Abalewi.

9 Noneho, kandi niba mufite urupapuro n'ibindi, mukaba munashaka kwandika imirongo y'Ibyanditswe n'ibisomwa, n'ibindi, mu nzira.

Hari ikintu kimwe, muri aya materaniro, harashyushye, kandi mu myaka myinshi twarabyimenyereje. Ariko hari uwatekereza k nemera ko twinjira muri iyi nyubako, igihe gihagarara kuri twe, wenda, tukaba mu mwanya umwe, by'igice, turi mu iteka, ku bwo kuba mperana abantu igihe kirekire. Si ku bushake bwanjye. Ah'ubwo nizera ko turi mu gihe cyegereye cyane Ukuza kwa Yesu, nkaba ngomba kudapfusha ubusa buri munota mbaye mfitemo abantu banteraniye imbere.

Kandi nibwiraga, ntwaye imodoka mu kanya, nari nasohotse ngo nsenge akanya gato mbere y'uko nzamuka ku gicaniro, nk'uko bikorwa n'umugaragu w'Imana w'umunyakuri wese. Nibwiraga nti: "Urabizi, tugira ibihe bihebuje iyo duteraniye hano! Ariko, kandi hari abantu baturuka mu ntara nyinshi, bateraniye hano, bicaye hano ubungubu, baturutse kure cyane, mu magana n'amagana y'ibilometero, tukaba duteraniye gusabanira ku Ijambo. Ariko igihe kizaza, bidatinze, ubwo ibi bizaba urwibutso tuzanezererwa gusa." Ni byo.

Ibi bihe bizadukurwaho, ikaba ari yo mpamvu tugomba gukora ibyo dushoboye byose, kugira ngo ibi, ngo buri munota ube uw'agaciro. Rero mubitekerezeho, buriya, mu gihe twicwa n'ubushyuhe bw'igitondo. Kandi, murabizi, buri mubiri w'umuntu ni di-dinamo (dynamo), usohora ubushyuhe ubwawo, bikarushya umuntu kubyihanganira. Ariko icyo nshaka ni uko mwakira Ijambo.

Noneho, gato mbere y'uko du-dusoma, dusenge.

10 Mwami, hafi buri muntu wese uri hano ubasha kunyeganyeza ibiganza, yashobora guhindukiza impapuro z'iyi Bibiliya. Ariko hari Umwe wenyine muritwe muri iki gitondo Wabasha kuriduhishurira: ni Mwuka Wera ukomeye uri hagati yacu. Duhishurire Ijambo, Mwami, mu gihe turi bube dusoma, nk'uko Wabikoreye abigishwa, mu gihe bari mu nzira igana i Emawusi, maze Utangira kubasobanurira Ibyanditswe. Nidutaha, tubashe kuvuga nka bariya, ubwo basubiraga i Yerusalemu, baturuka i Emawusi bati: "imitima yacu ntiyagurumanaga imbere muri twe, ubwo Yatuvugishaga mu nzira?"Kuko ari mu Izina rya Yesu tubisabye. Amina.

Duhaguruke ku bw'icyubahiro tugomba Ijambo.

11 Noneho, umutwe wanjye w'iki gitondo,ni: umunsi mukuru w'impanda. Nashakaga gusoma noneho, ku murongo wa 23 w'igice cya 23 cy'Abalewi.

Uwiteka abwira Mose ati:

Bwira abana ba Isirayeli uti: Ukwezi kwa karindwi, kandi ku munsi wa mbere w'ukwezi, uzaba ari umunsi w'ikiruhuko, utangajwe n'ijwi ry'impanda, n'itumirwa ryera.

Noneho, mu Gitabo cya yesaya, duhereye ku murongo wa 1 w'igice cya 18, ikiri bube icyungo.

Dore re! dore igihugu gihindisha amababa kiri hakurya y'imigezi ya Etiyopiya,

Cyatumye intumwa zinyura mu Nyanja zigenda ku mazi ku bihare by'inkorogoto, kiti: "Nimugende mwa ntumwa mwe z'impayamaguru, musange ishyanga ry'abantu barebare b'umubiri urembekereye, ryahoze ritera ubwoba na bugingo n'ubu, ishyanga risenya rigasiribanga igihugu cyaryo kigabanywa n'imigezi."

Yemwe baturage bo ku isi mwese, yemwe abatura ku isi, ibendera nirishingwa ku misozi miremire mujye mureba, kandi ikondera nirivuga mujye mwumva!

Muri Yesaya 27: 12 na 13.

Uwo munsi Uwiteka azakubita imbuto ze ngo ziragarike, uhereye ku Ruzi ukageza ku kagezi ka Egiputa. Ni uko muzatoragurwa umwe umwe, mwa Bisirayeli mwe!

Uwo munsi, ikondera rinini rizavuga, abari bagiye kurimbukira mu gihugu cya Ashuri n'abaciriwe mu gihugu cya Egiputa, bazaza basengere Uwiteka ku musozi wera, i Yerusalemu.

12 Twongere dusenge. Mwami, aya Magambo abere imitima yacu umugisha.

Ibitekerezo byacu no kwitekerezaho kwacu bihure n'icyo Udushakaho. Mu Izina rya Yesu. Amina.

Mushobora kwicara.

13 Hari ibintu byinshi umushumba aba ashaka kubwira iteraniro rye akunda, aba bantu baba baturutse imihanda yose, ariko igihe nticyabitwemerera.

Noneho, nk'uko dutangiye uyu mutwe, dushaka ko mgubwa neza. Abenshi muri mwe barahagaze; ubwo nahitaga, amayira yose yari yuzuye, no hanze, hafi y'inzugi, n'imbere, n'ahazengurutse inyubako, no ku nkuta. Rero, ni byiza, niba mushaka kugira uwo mugurana imyanya, biraba ari byiza cyane.

14 Noneho, Umunsi mukuru w'Impanda. Nyamara, hariya yari Isirayeli yabaga yishyize hamwe, aho bateraniraga: umunsi mukuru w'impanda.

Noneho, hashize igihe kirekire nisezeranije ku-kuvuga ku mutwe w'Impanda Zirindwi z'Igitabo cy'Ibyahishuwe. Tugiye kwibukiranya mu magambo make, mu kanya, kugira ngo mbereke neza impamvu nyakuri inteye kutabivuga none aha, kandi ni uko Mwuka Wera atanyemereye kubivugaho none aha. Nzi ko bishobora gusa n'aho ari ibya rwana cyane, wenda, ku bantu bize cyane kandi bakagira ubumenyi bwinshi, ariko ku mukristo, biranyuranye. Du-dukurikira ubuyobozi bwa Mwuka, kandi bwonyine.

15 Nabanje kubona, hariya, mbwiriza Ibihe Birindwi by'Itorero, ari byo cyi-cyitegererezo, cyangwa bigacira amarenga ibyo Imana yari igiye gukorera amatorero kandi Ibikoresheje amatorero, kandi Iyashyira mu myanya.

Ibice bitatu bya mbere by'Igitabo cy'Ibyahishuwe bihishura ibyabaye bifitanye isano n'Itorero byose, hanyuma, uhereye ku gice cya 3 ukageza ku gice cya 19 by'Ibyahishuwe, Itorero ntiriba rikiboneka ukundi. Itorero rizamuka mu gice cya kane cy'Ibyahishuwe, maze Rikagaruka mu gice cya 19 cy'Ibyahishuwe, umukwe n'Umugeni hamwe, bagarutse ku isi. Hanyuma, uhereye ku gice cya 19 kugeza ku mpera y'igice cya 22, haba hasigaye ingoma y'imyaka igihumbi n'ibizakurikiraho, mu myaka yo hanyuma. Uhereye ku gice cya 4 kugeza ku cya 19, icyo gihe, Imana iba ikorana na Isirayeli.

16 Rero, ubwo twarangizaga igitabo cy'ihishurirwa ry'itorero, icyo Imana yakoreye ayo matorero arindwi, yari akiri mu ntangiriro yayo, cyangwa ayashushanyaga ay'ukuri, muri Aziya ntoya. Hanyuma, Mwuka Wera aduhishurira kandi Atwereka ubwiru bwose bwari burimo, uburyo Yagendanye n'Itorero Rye, mu bihe byose. Niba mudafite Ibihe Birindwiby'Itorero kuri bande, byaba byiza mubyumvise. Kandi bidatinze mugiye kubibona ari igitabo.

Rero, nagumye aho, byonyine, ntekereza ko nyuma twajyaga kubwiriza ku Bimenyetso, ari nta cyo nzi ku Bimenyetso.

Nari nifitiye igitekerezo cyanjye, nk'ababwirizabutumwa bose, kuba barasomye, wenda, icyo abandi bantu babivuzeho, kandi nakoraga ibishoboka byose ngo nizere kimwe na bo, ibyo bari bavuze, umwanzuro wabo. Nari nasomye igitabo cya M. Smith, Uriah Smith, umwigisha wo mu badivantisite, nkaba nari nasomye i-icyo yabitekerezagaho. Kandi nari narasomye M. Larkin. Nari narasomye, yoo, abantu benshi, icyo bari barabivuzeho. Ariko, ku mpamvu imwe cyangwa indi, wagira ngo nari nifitiye i-igitekerezo gito, cyabaga wenda kinyuranye n'icyabo ku ngingo zimwe. Ariko igihe kimwe nari nagerageje, nari navuze gusa ku mitwe itatu, uwa mbere… cyangwa ku mitwe ine, ku bagendera ku mafarashi bane. Nari nabibwirijeho imigoroba ine, buri mugoroba ifarashi yawo.

17 Ariko rero, gato mbere y'uko ibyo bisohora, nari nagize iyerekwa, ryafashwe kuri bande, nk'uko mubizi, Bagabo,ubu ni gihe ki?, ryantegekaga kujya i Tucson, muri Arizona. Kandi hariya, inyuma y'ubutayu, ku musozi, aho nari ndi hamwe na bene Data, nababwiye iby'iryo sandara rikomeye, maze nda… Abamarayika barindwi baramanuka. Icyo nari natekereje, njye, ni uko ari ryo ryari iherezo ry'ubuzima bwanjye; nari nabwiye umugore wanjye gusanga Billy, no kugira icyo akorana n'abana, n'ibindi, kugeza ubwo tuzahurira hakurya.

18 Hanyuma, igihe kimwe, muri kanyoni (canyon) Sabino, Imana yanzamuye hejuru iriya karekare mu gitondo, kandi nari hariya namanitse amaboko, Nsenga, maze inkota inza mu biganza. Murabizi. Njyaho ndayitegereza, yarafatikaga nk'ikiganza cyanjye ubu, sinari nzi icyo byashakaga kuvuga. Hanyuma iguma aho, hamwe n'Ijwi ryambwiye riti:

"Ni Inkota y'Umwami." Hanyuma, nyuma, ubwo Marayika w'Uwiteka yahishuraga icyo ari byari cyo, Byari Ijambo mu kiganza.

Muri ako kanya nyuma y'ibyo, Abamarayika b'Uwiteka barambonekera maze bambwira iby'Impanda Zirindwi…ah'ubwo, iby'Ibimenyetso Birindwi, ko nagombaga gusubira i Jeffersonville ngo mbwirize Ibimenyetso Birindwi. Kandi, hariya, niba hari ikintu naba narabwirije gihumekewe, ni kiriya. Buriya, ubwo Marayika w'Uwiteka yazaga hagati muri twe, Bibiliya yahindutse Bibiliya nshya. Ni bwo Yabumbutse, ngo Ihishure ibintu byose abagorozi n'abandi bari barirengagije. Byari uguhishuka kuzuye kwa Yesu Kristo, kutubereye gushya byuzuye, ariko gutunganye kandi guhwanye n'Ibyanditswe. Byari Ijambo, ryahozeho. Nari mpumekewe cyane kandi nyobowe cyane.

19 Hanyuma, ubwo nazaga kuri iki gice, cyo kubwiriza Impanda Zirindwi, nari nibwiye nti: "Mu by'ukuri, sinzashaka uko natekereza icyo ari cyo cyose. Nzategereza gusa kiriya gihe hanyuma mureke Ampishurire ibyo ari byo." Hanyuma, ejo, ubwo nari… nagiye mu biro byanjye, maze nibaza impamvu… Cyangwa, mumbabarire, hari ejobundi. Ubwo najyaga mu biro byanjye ngo ngerageze gusobanukirwa, nib wo Mwuka Wera yansobanuriraga ibi, ngo Anyereke impamvu, nta n'ubwo hari icyo bimariye Itorero none aha, kuko ari nta ho bihuriye na busa n'Itorero.

20 Rero, ubwiru buhishwe bwa Kristo bwahishuwe rwose mu Bimenyetso Birindwi.

Icyabanje guhishurwa, Ibihe Birindwi by'Itorero, ibihe byarahishuwe maze bishyirwa mu myanya bihuye n'amateka ndetse na Bibiliya, bishyizwe mu myanya, uko byakabaye. None twisanze mu gihe cya nyuma cy'Itorero, Igihe cy'Itorero cya Lawodikiya, ari cyo cyarushaga ibindi kwangirika mu bihe by'Itorero byose. Uhereye no ku gihe cya mbere, icya Efeso, ari cyo cyabaye igihe cy'Itorero gikomeye.

Hanyuma, dore ngo Mwuka Wera arampa iyerekwa, hano, maze mbona ibyari bigiye kuba, maze imyaka ibiri mbishushanije ku kibaho. Ngibi ku gishushanyo, dore, Umucyo wagendaga urushaho kuba muke mu isi, ibyajyaga guhura neza n'uburyo Wajyaga kuboneka no kubura. Icyo gihe, sinari nzi icyo byashakaga kuvuga n'uburyo byajyaga kugenda.

Ariko isi ikomeye y'impuzamadini ya-yahuye na Roma; Roma, ari yo nyina w'amadini yose. Papa, ubwa mbere mu mateka, yavuye i Vatikani maze ajya i Yerusalemu ndetse n'ahantu henshi. Nyamara, Yerusalemu ni cyo cyicaro nyakuri cy'iyobokamana ryacu ryose, ni Yerusalemu. Kandi icyo cyicaro nyakuri, papa w'i Roma - wahoze ari umwanzi, mu bihe byose, umwanzi w'Itorero uhebuje abandi - ahagurukijwe no kuza kugenderera Roma… ah'ubwo, avuye i Roma aje muri Palesitina, i Yerusalemu.

21 Kandi nk'uko tubibona, nta mashuri ubwanjye nigirira, sinzi a-amagambo n'ikibonezamvugo, rero nakunze kwigisha nkoresha ingero, nifashisha ibyo mbona ku byaremwe biri mu bidukikije. Ibidukikije bizahamanya n'ibidukikije. Ibidukikije ni iby'Imana.

Umva, iyo ari igihe inyamaswa, mu ishyamba, ziteraniye ahantu hamwe mu ishyamba, vana indobani yawe mu mazi, ifi ntiziri burume. Nta zo uri bufate, - urabona, inyamaswa ziraruhutse, - keretse uramutse ugeze mu ndiri y'imwe muri zo. Ariko iyo inyamaswa zitangiye kurisha, reba neza. Iyo inyamaswa zikoze ibyo, icyo gihe, inyoni na zo ziraguruka mu biti. Ziraza guhagarika kurya. Murabona, ni ibidukikije. Ibigize ibidukikije byose birahuza. Muzabona, inzuki, icyo gihe, ziruduhira hejuru y'ubuki bwazo, ntizitara. Ibigize ibidukikije byose birahuza mu mikorere yabyo.

22 Ni yo mpamvu, nk'urugero, iyo tubonye igiti kirekuye ikibabi; ntibizatinda, hariya, mu mezi make, ikibabi kizahanuka kiva ku giti. Maze u-ubuzima, amakakama, amanuke mu mizi. Ikibabi cy'igiti kizahunguka maze kigwe hasi, hanyuma kibore. Kandi kalisiyumu na-na potasi, biri mu kibabi cy'igiti, kizaborera mu butaka. None ni iki cyabaye? Ubuzima bwamanutse hariya mbere, kandi buzamira ibyo byose muri bwo, hanyuma bugarure ikibabi bundi bushya. Ni urupfu, uguhambwa n'izuka.

23 Kandi ibidukikije byose! Ukwezi ni u-ni umugore w'izuba. Ni umucyo muto. Kandi, iyo izuba ritagihari, iyo ari nta zuba rihari, ukwezi kutwoherereza umucyo w'izuba ku isi, kandi ni urugero rw'itorero. Iyo papa agize aho ajya, umwanzi wa kera w'itorero, hanyuma akajya i Yerusalemu, ari cyo cyicaro cy'itorero, - hari Yerusalemu nshya na Yerusalemu ya kera, - tubona, mbere y'ibyo, hari ukwijima kuzuye k'ukwezi.

24 Kandi mu binyamakuru, mu mpande zose z'igihugu, kandi twabishyize ku kibaho,

berekanye ukwezi kwavuye mu mucyo kukajya mu mwijima. Kandi ibitangaje mu by'ukuri, ni uko ukwezi, buriya, kwashushanije mu buryo buboneye, mu ijuru, bimwe n'ibyo Mwuka Wera yankorersheje hano, mu myaka ibiri ishize, kandi ibyerekanaga… byatwikiraga… Habaye amafoto atandatu, ni njye wongeyeho iriya ya karindwi; mu by'ukuri, mu gihe cya karindwi cy'itorero, hari igicucu cy'Umucyo gusa, izamurwa rya… Ni bwo Yesu aba ari ku rugi, Arakomanga. Ah'ubwo kurushaho kujya mu mwijima w'icuraburindi.

25 Mbega Umucyo, mbega Ubutumwa bw'Imana Ubwayo, koibi bintu ari Ukuri! Yabanje kubihamya mu Ijambo Ryayo, hanyuma Ibihamisha Umwuka uri ku gicaniro, hanyuma Ibivugira mu Ijuru. Nta mpamvu yo kubyibeshyahona busa. Ibimenyetso n'Ibihe, buriya, birahura neza, neza, Imana yabihamishije ibimenyetso bidasanzwe, Ikoresheje Ijambo n'amateka, ibyo byose birahuza, neza mu myanya, mu gihe turimo ubu.

Ni byiza, amatorero ababazwa no kubona ibyo. Amadini ababazwa no kubibona. Ahora aganisha ku gutekereza ko tubereyeho gushakisha guhana abantu. si ibyo; icyo dushaka gukora, ni ukuburira abantu. si ugushaka kugirira abantu nabi; dushaka kuvana abantu mu bibi. Si abantu bari mu madini; ni imikorere barimo, ibarimbura. Hari abantu beza kandi b'abanyakuri b'abagatolika, b'abaporoso, b'abayuda n'abandi. Ni abantu ba-ba…

26 Ababikira ntibinjira mu kigo bajyanywe no kuba abagore b'abagome; bajyanwayo no kuba abagore beza. Bashakisha kwiyegereza Imana, ariko ni imikorere ibangiza. Abantu binjira mu idini, atari uko bajyanywe no kuba babi, ah'ubwo bajyanywe no kuba beza. Ah'ubwo ni imikorere y'idini ibajyana kure y'Ijambo n'amahame Imana yashyiriyeho iki gihe; ngibyo ibibajyana kure y'inzira.

27 Noneho, mwibuke, Ijambo ni Ryo Mana kandi, kuri buri gihe, Yagennye Ijambo ryari ryaragenewe buri gihe cyajyaga kuba ku isi. Yarihaye igihe cy'Itorero, maze Ibimenyetso Birindwi birahishurwa icyo byari Cyo cyose. Murabona?

Kuki habaye… haba hari hakiri ubwiru bwari bugihishwe? Mu Byahishuwe 10 tubona, mu mpera y'Ubutumwa bwa Marayika wa karindwi, ko ubwo bwiru bwari bwarahishwe bwari bugiye guhishurwa, Ibyahishuwe 10: 1-7. Mwitegereze, impamvu ni uko hatari harigeze kuboneka umuhanuzi muri icyo gihe. Bibiliya ivuga ko "Imana itajya igira icyo ikora itabanje kugihishurira abahanuzi Bayo, imbata Zayo ari zo bahanuzi". Kandi mu bihe byose, Ijambo ry'Uwiteka ryazaga ku bahanuzi gusa, nta na rimwe Ryigeze riza mu idini, nta na rimwe Ryigeze riza ku itsinda.

28 Nta na rimwe Imana yigeze ikoresha itsinda. Uko abantu bigiraga itsinda, Imana yarabazibukiraga maze Ntisubireyo. Mucukumbure mu mateka, maze murebe niba ari ukuri cyangwa atari ukuri. Twamaze kubikora. Nta na rimwe Yigeze ikorana n'idini cyangwa itsinda, nyuma y'aho bishyiriyeho inzego; bihabanye n'Imana.

Rero, mu gihe cy'ubugorozi, habayeho abagorozi, nk'uko twabihamirijwe n'Ibimenyetso Birindwi. Ariko ubu, mu bihe byanyuma, byakagombye kongera guhishurwa. Mu by'ukuri, tubona mu Byanditswe, muri Malaki 3: 23-24, ko ugusigwa kugomba kumanuka, ngo kugarure kwa Kwizera kwa mbere "kandi ngo kugarure ukwizera kw'abantu kuri Pantekote ya mbere, ku Kwizera kwaba data".

29 Twitaye kuri Eliya waje ku ncuro ya mbere; twitaye kuri Elisa wamukurikiye; twitaye kuri Yohana umubatiza, nyuma, wabaye Eliya wa kiriya gihe; n'isezerano ko undi yajyaga kuza muri iki gihe.

Nyamara, Yohana umubatiza ntiyari Eliya wo muri Malaki 3: 23-24. Yari Eliya wo muri Malaki 3. Yesu yaravuze. "Dore, Nzabohererereza integuza yanjye imbere Yanjye, ngo integurize inzira." Twabonye neza ko ari cyo yari cyo.

Noneho, mu kugira dutya, mu kubona iyi myanya, tumenya ko ibisigaye mu Byanditswe byose, bihumetswe n'Imana, biduhishurira ko turi mu bihe byanyuma.

30 Rero, iyo mba nari nzanye ubutumwa bwa Pantekote, nakabaye mu gihe cy'Itorero cya Lawodikiya, kandi ntibyaba ari ukuri.

Ni ku bw'iyo mpamvu Wesileyi atashoboraga kuzana ubutumwa bwa Luteri. Luteri yari mu gihe, mu gihe cy'Itorero, na Wesileyi yari mu kindi gihe cy'Itorero. Iyo Yesu yajyaga kuza i…afite ubutumwa bwa Mose, nta cyajyaga kugenda. Iyo Mose ajya kuzana ubutumwa bwa Nowa, nta cyajyaga kugenda.

Ah'ubwo Imana yageneye u-u-ubwoko Bwayo, bwa buri gihe, igice cy'Ijambo. Kandi mbere y'uko iki gihe kibasha kuvuka, mu gihe, amadini yavanze byose cyane ku buryo-ku buryo atazi aho ari.

31 Ni ku bw'iyo mpamvu batamenye ko Yesu yari Umwana w'Imana. bo, imihango yabo yahumye amaso yabo; nyamara, ni We Ibyanditswe byahamyaga mu buryo butunganye.

Ni cyo kimwe ku bahanuzi. Yesu yavuze ati: "Ni nde wo muri mwe, wo muri ba so, utarateye amabuye abahanuzi bari barabatumweho?" Rero, Imana ituma umuhanuzi Wayo, ku…kandi umuhanuzi ni Ijambo rizima ry'Imana, rigaragajwe.

Yesu yavuze ati: "Mushobora mute kunciraho iteka ku bwo kuba navuze nti: 'Ndi Umwana w'Imana', mu gihe mwita, mu mategeko yanyu bwite… Muvuga ko abo Ijambo ry'Imana ryajeho," ni ukuvuga abahanuzi, "mwabise 'imana'. Kandi ni cyo bari cyo, kuko Ibyanditswe bitabasha gukuka", ni ko Yavuze. "Muri icyo gihe, ni gute mwabasha kunciraho iteka?" Mu gihe Ari… Bariya bari igice cy'amategeko, bari igice cy'Ijambo ry'Imana, ariko Yesu yari umwuzuro w'Ijambo ry'Imana. Umugambi Wayo wo kuducungura wose, umwuzuro w'icyo Imana iri wari muri We.

32 None ubu, uko ibihe by'Itorero byagiye biha ibindi, ni uko bagiye bakora. Kandi Ibimenyetso Birindwi bigomba guhishura ubwiru bwose bwari bwarasigaye budashyizwe ahabona muri kiriya gihe cyose, kuko ari nta bahanuzi twari twarabonye, kandi Ijambo ntiriza ku bagorozi. Ku bahanuzi!

Imana ntinyeganyezwa. Muri Malaki 3, handitswe ngo: "Ndi Imana, kandi Simpinduka." Imikorere yambere y'Imana, ni yo mikorere y'Imana y'iteka ryose. Imana yashe icyemezo ko Yari igiye gukiza muntu binyuze mu Maraso yamenetse y'Umuziranenge, mu ngobyi ya Edeni, kandi Ntiyigeze ihindura ibyo, nta n'ubwo Izabihindura. Twaragerageje, binyuze mu mashuri, mu nyubako, mu mikorere, mu madini, mu bunyangamugayo, n'ibindi, kandi ibyo byose byarananiwe. Ah'ubwo hari ahantu hamwe gusa Imana ihurira na muntu, ni munsi y'Amaraso yamenetse y'Umuziranenge. Binyura mu Maraso gusa! Ni cyari icyemezo Cyayo cya mbere. Murabona?

Twebwe, dushobora gufata icyemezo, maze umwaka utaha, tugashobora kunguka igitekerezo. Umwaka utaha, tukabona igitekerezo cyisumbuye. Imana, Yo, Ntiyabishobora; Ntigira iherezo. Icyemezo Cyayo cya mbere kiratunganye; nta cyayitera kugira icyo Ibihinduraho. Njye, nshobora gutera imbere mu bumenyi: dufite aho tugarukira. Nshobora gutera imbere mu bumenyi, ariko Imana ntishobora gutera imbere mu bumenyi: Iratunganye uhereye mu ntangiriro. Ku bw'ibyo, icyemezo Cyayo cya mbere, ubugingo bwawe bwubakire kuri cyo. Icyo Bibiliya ivuga, ni cyo!

33 Igihe kimwe, Imana izazagucira isi urubanza. Abagatolika bavuga koIzaca imanza ikoresheje idini gatolika. Niba ari ko bimeze, ni irihe mu madini gatolika? Nta rihuje n'irindi. Ni ucira isi urubanza ukoresheje idini rya giporoso, ni irihe mu madini ya giporoso? Kandi byaba bitesheje umutwe, nta wamenya icyo afata cyangwa icyo areka. Niba abametodisite bari mu kuri, ababatisite bararimbutse. Niba abaporoso bari mu kuri, abagatolika bararimbutse. Niba abagatolika bari mu kuri, abaporoso bararimbutse.

Ah'ubwo Bibiliya ivuga ko Izacira isi urubanza ikoresheje Yesu Kristo, kandi ni We Jambo. Rero, Izayicira urubanza ikoresheje Ijambo.

Kandi amadini yose ajya kure y'iri Jambo kugira ngo yishyirireho amahame yayo. Ndasaba uwo ari we wese kumpamiriza ko amadini afata Ijambo mu mwuzuro Waryo. Ntiyashobora kubikora, kuko agengwa n'imikorere iyoborwa n'abantu. Aho bafite abantu…

Imana ikorana n'umuntu umwe gusa mu gihe runaka. Kandi nta gihe Yigeze gukorana n'abahanuzi babiri icyarimwe. Umwe rukumbi! Imana, ubwo Ishobora kugira umuntu umwe gusa mu kiganza Cyayo. Ntikorana na mwe… idini ryanyu, Ikorana na mwe.

34 Noneho, tubyubakiyeho, tugera ku munsi mukuru w'impanda, ubwiru buhishwe. Byarahanuwe ko byajyaga kugenda kuriya, ni yo mpamvu byagombaga guhishurwa kuriya. Ariko guhishurwa muri ibi bihe bya nyuma, ngo hasohozwe neza ibyo maze kuvuga, Malaki, igice cya 3: 23-24, Luka, igice cya 17 u-umurongo wa 30, uburyo Yajyaga kubikoramo, n'Abaheburayo 13: 8, Abaheburayo 4: 12, n'umubare munini

w'imirongo y'Ibyanditswe ibitubwira. Nyamara, niba ibyo bibereye bishya bamwe Nuri mwe, munyemerere mvuge ko Imana, ibihe byose… Uburyo Imana yimenyekanisha hagati mu bantu, Iba ari umuhanuzi.

Abayuda nta gihe batamenye ko bagomba kwizera abahanuzi babo. Yavuze iti: "Niba hari uri hagati muri mwe, Njye Uwiteka Nzamuvugishiriza mu nzozi z'umwuka no mu mayerekwa. Kandi ibyo avuze ni bisohora, icyo gihe, mumwumvire." Bahoze…

Bityo, ubwo batamenyaga Yesu, bahaswe kumwitiranya n'ikindi kintu, maze bavuga ko Yari umwuka mubi, "Belizebuli", kuko Yari ashoboye kugenzura ibitekerezo bari bafite mu mitima. Ibihe byose, turabizi, ni ikimenyetso cy'Ijambo.

35 Abaheburayo, igice cya 4, umurongo wa 12, handitswe ngo: "Ijambo ry'Imana rityaye kurusha inkota y'amugi abiri, kandi Rikagenzura ibitekerezo n'imigambi by'umutima."

"Ubwo Uriya, Mwuka Wera, azabazaho, Azabibutsa ibyo bintu Nababwiye, kandi Azabamenyesha ibyenda kuba."

"Mana, ku ncuro ya kenshi kandi mu buryo bwinshi," Abaheburayo 1, "yavuganye na ba data binyuze mu bahanuzi, none muri iyi minsi ya nyuma, Ivugira mu kanwa k'Umwana Wayo, ari We Yesu Kristo." Ya Mana imwe byonyine Yavuye ku bahanuzi ijya ku Mwana. Nta kindi. Murabona? Ni bwa Butumwa bumwe, uburyo bw'imikorere bumwe.

36 Noneho, byarahanuwe ko amadini yakabaye muri iyo mimerere, byari ngombwa ko bisubizwaho. Maze Ivuga, muri Malaki 4/ 3: 23-24, ko "Yajyaga kohereza Eliya umuhanuzi, ngo atunganye a-abantu bundi bushya", hamwe na…akabagarura. Mwitegereze. Kandi mbere gato… Ah'ubwo, gato nyuma y'ubu Butumwa, hazabaho igihe ubwo isi izashya, maze abakiranutsi bakandagire ivu.

Nyamara, byashoboka ko umunyatewolojiya waba ateze iyi bande amatwi, ahantu hamwe ku isi, niba utekereza ko yaba ari Yohana, wibuke, icyo gihe, haba hari ikosa mu Byanditswe, kuko isi itahiye nyuma y'ubutumwa bwa Yohana. Yesu ntiyaje ngo yinjize abantu mu Ngoma y'imyaka igihumbi; ah'ubwo Yasezeranye kubikora nyuma yo kugaruka k'Umwuka wa Eliya ku isi.

37 Mwitegereze. Noneho, muri Malaki 4/ 3: 23-24, tubona ko ibi bigomba gukorwa kugira ngo hagaruke (iki?) ukwizera kw'abantu ku kwa ba data, Imyigishirize ya Pantekote, ba data ba mbere. Azagarura abantu kuri ba data.

Tubona, muri Luka 17, Yesu yavuze ko, ubwo Yajyaga kuzamuri ibi bihe bya nyuma, Luka 17: 33, tubona ko Yesu yavuze ati: "Ibyabaye mu gihe cya Loti ni byo bizaba mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu, ubwo Umwana w'umuntu azahishurwa."

Noneho, mwitegereze, Yaje mu izina ry'abana batatu. Yaje mu izina ry'Umwana wa Dawidi… ah'ubwo, iry'Umwana w'umuntu, iry'Umwana w'Imana, iry'Umwana wa Dawidi.

38 Nyamara, Yagombaga kuza nk'Umwana w'umuntu, kuko Yari Umuhanuzi. Yehova Ubwe yise abahanuzi "umwana w'umuntu". Kandi Yesu ntiyigeze yivuga Ubwe koyari Umwana w'Imana. Yavugaga buri gihe ko Yari Umwana w'umuntu. Kandi mwitegereze, kiriya gihe, Yihishuye nk'Umuhanuzi, nka Bamenya. Yavuze ati: "Niba ntakora imirimo ya Data, rero ntimukanyizere." Yujuje muri byose ibyajyaga kumuranga, ibyari byaravuzwe kuri we mu Byanditswe, kugeza no ku rupfu Rwe, ihamba Rye, izuka Rye, ibamba Rye, ivuka Rye, n'ibindi. Kandi mu gusohoza umurimo We, Yujuje ibyajyaga kuranga Bamenya, Umwana w'umuntu.

39 Noneho Yihishuye uko ibihe by'Itorero byagiye biha ibindi, - noneho mwitegereze neza, - uko ibihe by'Itorero byagiye biha ibindi, nk'Umwana w'Imana. Imana, nk'uko ari Umwuka, Mwuka Wera, Yihishuye uko ibihe by'Itorero byagiye biha ibindi nka, mu iteraniro, nka Mwuka Wera hagati mu bantu.

Tubona, mu gihe cy'Itorero cya Lawodikiya, igihe cya nyuma cy'Itorero, ko Yirukanywe mu idini. Ntiyari Yarigeze yirukanwa, na hamwe, mu gihe kindi na kimwe uretse Igihe cya Lawodikiya. "Kuko bavugaga bati: 'Turatunze kandi nta cyo tubuze.' Kandi ntimuzi ko muri abatindi bo kubabarirwa, abakene, mwambaye ubusa mukaba n'impumyi, mutanabizi." Yirukanywe mu gihe cy'Itorero.

Hanyuma, muri Luka 17, handitswe ngo: "Ibyabaye mu minsi ya Sodomu ni byo bizongera kuba mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu." Nyamara, Yasomaga muri rya Tangiriro rimwe dusoma. Mwitegereze, i Sodomu, ibyabaye. Ni iki cyabaye i Sodomu?

Aburahamu…

40 Nta gihe hatabaye ibyiciro bitatu by'abantu. Hari Aburahamu, intore kandi wahamagariwe gusohoka, akaba yari ari hanze ya Sodomu. Hari Loti, umuyoboke w'urusengero, cyangwa umunyedini, hariya. Yisanishije na ba kavukire b'uriya murwa, mu kuba meya w'umurwa; yicaraga ku rurembo, yari umucamanza, bivuga ko yari meya. Kandi hari Sodomu ubwayo.

Rero, mu gihe cya nimugoroba, cyangwa ku gicamunsi, igihe Aburahamu yari yicaye munsi y'umwera, Abamarayika batatu baramubonekeye. Ababiri muri bo berekeje i Sodomu, maze bahabwiriza Ubutumwa Bwiza, bagerageje gukura abantu hariya. Bariyangira; bari baracuramye. Loti n'umugore we, bonyine, na babiri mu bakobwa be, bafashe inzira. Hanyuma umugore we ahinduka inkingi y'umunyu.

41 Ariko Uwari wasigaye hariya avugana na Aburahamu, Uwo yari yise "Elohimu, ushoborabyose". Itangirio 1: "Imana! Mu ntangiriro, Imana", Elohimu, U-Uhagije byuzuye, Uwibeshejeho. Aburahamu yamwise "Elohimu". Yaricaye maze Asangira na Aburahamu; Yaranyoye; Yari yambaye umubiri wa kimuntu. Kandi mwitegereze neza ikimenyetso Yahaye Aburahamu.

Nyamara, bari bategereje ukuza k'umwana, umwana w'isezerano, Isaka. Mu gihe cy'imyaka makumyabiri n'itanu, urugendo rurerure, bari baramutegereje, ariko bari barageze ku iherezo ryinzira. Imana yari yarabonetse mu mashusho anyuranye, nk'uko Yabikoze uko ibihe by'Itorero byagiye biha ibindi, mu Micyo, n'ibindi, mu gihe Yari yaravuganye na Aburahamu, binyuze no mu majwi. Ariko gato mbere yo kuza k'umwana wari ugiye kuza… Ni byiza, twamaze gukora kiriya cyigisho, kandi muzi ko ari nta kindi nkora usibye incamake, ni ukugira ngo mbereke ibi. Ni uko Yahise ahindura umubiri w'Aburahamu n'uwa Sara, kugira ngo babashe kwakira uwo mwana.

Mwitegereze, ikimenyetso cya nyuma bakirye mbere yo kuza k'uwo mwana, cyari Yehova wababvugishirije mu ishusho ya kimuntu. None ni gute bamenye ko yari Yehova, ni uko Yavuze ati: "Aburahamu", ntavuge Aburamu. Hari hashize iminsi mike gusa, Imana ihinduye izina rye. "Ari he umugore wawe Sara?" Aho kuba S-a-r-a-y-i, ah'ubwo S-a-r-a, "igikomangomakazi".

Hanyuma Aburahamu avuga ati: "Ari mu ihema, inyuma Yawe."

Avuga ati: "Nza", ni ngenga, "Nzakugenderera nk'uko ari isezerano Ryanjye. Mu gihe cy'uburumbuke, mu minsi makumyabiri n'umunani itaha, hari ikizaba kuri Sara."

Kandi Sara, mu ihema, yasekeye imbere muri we, maze avugira mu mutima we ati: "Ibyo byashoboka bite, ko nshaje; ese nabasha kunezeranwa n'umutware wanjye, na we ushaje, Aburahamu?"

Hanyuma Marayika, cyangwa Umuntu, avuga ati: "Kuki Sara yavugiye ibyo mu mutima we?" Mu ihema, inyuma Ye! "Kuki yavuze ko ibyo bintu bidashoboka?" Murabona? Umuntu mu mubiri wa kimuntu, nk'umuhanuzi, kandi nyamara, Yari Elohimu, wagenzuraga ibitekerezo byari mu mutima wa Sara, inyuma Ye.

42 Kandi Yesu yavuze ati: "Ibyabaye mu minsi ya Loti ni byo kandi bizongera kuba mu bihe by'imperuka, ubwo Umwana w'umuntu," atari Umwana w'Imana, "ubwo Umwana w'umuntu azihishura."

Nta byo bari barigeze babona mu gihe cyose. Mwaba mubona uburyo Ibyanditswe bitonze neza? Dore ngo turabituramo. Ubwiru; ndetse n'ubw'umubatizo mu Izina ry'Umwami Yesu, kandi tutaguye mu myumvire ya kinyabumwe; n'ibyo bintu bindi. Mwuka Wera, watweretse ibyo akanabitugaragariza mu buryo butunganye, Umubatizo nyakuri wa Mwuka Wera, Ikimenyetso, n'ibindi, mu buryo buboneye cyane. Kandi, murabona, imbere y'amaso yacu bwite, kandi ntibyakorewe mu rwihisho, hari ku karubanda. Yesu, Umwana w'Imana, wihishurira mu Byanditswe, uha ubuzima ibyo Byanditswe byatoranirijwe iki gihe, nk'uko byari byaragendekeye kiriya gihe n'ibindi bihe byose. Kandi kwizera Ibyo, ni igihamya ko ufite Mwuka Wera.

43 Ugukiranuka, ntushobora kuvugako byonyine "kujya ku rusengero", ari igihamya ko ufite Mwuka Wera. Icyo gihe, rero, abafarisayo baba bari bamufite. Murabona? Ntiwashobora kuvuga ko "guhinda umushyitsi cyangwa gusimbuka mu kirere", ari iki… kuri ubwo, abantu baba mu mashyamba babayeho nk'inyamaswa (barbare)baramufite. Ni uvuga ko ari "ukuvuga mu ndimi", ni irihe teraniro ry'amadayimoni ritavuga mu ndimi? Mbwiramo rimwe.

Mwene Data Jackson wicaye hano, ku bw'Afurika, ari muri Afurika, yashobora kubikubwira. Nagiye mu ngando z'Abahinde, hano, nabonye abarozikazi n'abarozi bikebagura, maze bakamena amaraso yabo bwite, hanyuma bakavuga mu ndimi, kandi-kandi wa murozi muvuzi akabisobanura; nababonye bashyira ikaramu y'igiti hasi maze ikiyandikisha mu ndimi zitazwi. Rero, si ibyo. Ariko niba…

Igihamya nyakuri ni ikihe? Yesu yavuze ati: "Mwizere ko Ndi We." Kandi ni We Jambo.

44 Kuki batumvise? Kuki Abayuda batumvise? Bari abantu b'abakiranutsi, bari abantu beza, bari abantu bera. Kandi hari abantu b'uburyo bwose, ah'ubwo ni iby'uwatoranirijwe kumva Ijambo!

"None ni gute wamenya ko ari Ijambo cyangwa atari Ryo? Buri wese arabivuga."

Ni isezerano rya Bibiliya, rihamirijwe igihe runaka, ngibyo, rero, tugaruka aho Mwuka Wera ari. Mukurikire ijwi ry'Impanda, Impanda y'Ubutumwa Bwiza, murebe ushobora kuyumva. Mwibuke, abari mu mirwa izengurutswe n'inkike ntibashoboraga gusohoka mu gihe cya yubili. Oya mugabo. Bari bazengurutswe n'inkike, ntibavaga aho. Byababaga byararangiye; bari abacakara ubuzima bwabo bwose, kandi byari ngombwa ko babashyiraho ikimenyetso. Nyamara, nk'uko tubona izo ngero zose, mwitegereze.

45 Nyamara, ibyo bikorwa, Malaki 4/3: 23-24, n'ibyo byose, n'Abaheburayo 13: 8: "Yesu Kristo uko yari nari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose", Azahora ari Ijambo by'iteka ryose., Ijambo rigaragajwe. Ni cyo Yagaragaje neza neza binyuze mu bahanuzi. Umuhanuzi, ntibishaka kuvuga gusa "bamenya cyangwa ugira icyo amenyekanisha", bishaka kuvuga "umuntu uhishura Ijambo ryanditswe". Binyuze mu buzima bwe bwite, ibikorwa bye bwite, Ijambo rya kiriya gihe rirahishutse kandi rirahamirijwe; urugero, Nowa, wubatse inkuge, Mose, wagiye hariya, n'undi wese wabonetse, isezerano iryo ari ryo ryose, Ijambo ryasezeranijwe kiriya gihe.

46 Noneho, tuzi ko Ari kumwe na twe. Turabyizera. Murabona Ijambo Rye rigaragajwe, mu mafoto, mu mirongo y'Ibyanditswe, mu bimenyetso mu Ijuru, ku isi, mu bindi bintu byose Yavuze. Ibyo ntibyananiwe, nta na rimwe. Ndabaza umuntu wese ngo anyereke, agace k'igihugu cyangwa k'isi waba uherereyemo kose, utegetswe-utegetswe kunyandikira ngo ubimbwire, umbwire incuro ibyo byaba byarananiwe. Biratunganye, ijambo ku rindi. Ni byiza. Ni isezerano.

47 Kuki Yagombaga kutubonekera muri ibi bihe bya nyuma? Uramutse usubiyemo, wowe wumva amabande, Igiti-Mugeni, maze ukajya aho bavuze Kristo wari Igiti cyari mu ngobyi ya Edeni. Adamu wa mbere, waguye; n'uwo Adamu wa kabiri, wakuweho kubera icyaha. Bamubambye ku giti cya kiroma, kandi ni aho yakuwe… ni ho havuye Igiti-Mugeni, icyo Yari yarasezeranye, tubona mu Byanditswe, hariya, kugira ngo tubone Umugeni.

Ni nka piramide, igenda irushaho kuba nto, uhereye ku rufatiro rugari cyane; uhereye kuri Luteri, Wesileyi, pantekote, hanyuma ibuye risoza ripfundikira rirasongoye cyane, kandi ayo mabuye, yegeranye cyane yose mu buryo butunganye. Ntituramenya uburyo bashoboye kubikora, ariko byose byateranijwe neza cyane mu buryo butunganye muri iyi piramide! Si inyigisho kuri piramide turiho dukora, turakora gusa…

Henoki n'abandi barayubatse, hashize igihe kirekire cyane, none ngiriya nk'ikimenyetso. Neza neza nk'uko izuba rirasa hanyuma rikarenga; neza neza nk'uko igiti gitakaza ikibabi cya-cyacyo, kikazongera gutoha; nk'ifi, n'inyamaswa, n'ibindi, ni ishusho yabyo. Piramide iri aho nk'ishusho.

48 Nimujye mu cyumba cy'umuhanuzi, kandi mwitegereze neza intambwe zirindwi. Ni he u-ni he umurinzi yasakiraga umushyitsi wabaga ashaka kujya kubonana n'umwami? Hejuru y'intambwe; habaga ari ku ntambwe ya karindwi. Ibitwereka ko tugomba kugaruka kuri wa Mwuka wari kuri Yohana: ni we werekanye Mesiya. Yarutaga abahanuzi bose: ni we wamwerekanye. Kandi tugomba kugera aho, bundi bushya, ku kintu kizatwereka Mesiya.

49 Kandi ni gute Mesiya… abantu bamwizera bazamenya, batabanje gutura mu Ijambo, kugira ngo bamenye icyo Ari cyo! Daniyeli yavuze ati: "Abanyabwenge bazamenya, ariko abapfu n'abatagira ubwenge ntibazamenya. Bazamenya Imana yabo." Rero, rero, Azaboneka mu minsi ya nyuma, kandi bizaba ari ukugira ngo agarure abantu ku Ijambo, kugira ngo Umugeni amenye Umugabo We, amenye Mugenzi We, Ijambo

rihishuwe. Ni yo mpamvu ibi bigomba gusohora.

Nta byo twamenyeshejwe n'abagorozi; nta byo twamenyeshejwe na Luteri, Wesileyi, na-n'abapantekote, n'abandi. Bivugwa n'Ibyanditswe.

Ariko ibyo bizaza. Ni isezerano Rye kuri iki gihe. Turi mu gihe kizabona Ukuza Kwe. Umugeni agomba gusa na We. Umugore wese agomba gusa n'umugabo we, kuko bombi ari umwe. N'Umugeni wa Kristo agomba gusa na We, kuko bombi ari Umwe. Kandi ni We Jambo, atari idini. Ijambo! Tugomba kuba abana b'umucyo, kandi Umucyo, ni Ijambo ryigira Umucyo w'icyo gihe. Ni gute wamenya Umucyo, keretse uturutse mu Ijambo? Ni byiza. Ijambo ryambaye umubiri ni Ryo Mucyo w'igihe, iyo uribonye; bivugwa na Bibiliya.

50 Bariya bantu barebaga Yesu maze bakavuga bati: "Mu by'ukuri, uyu Muntu, ni Nde? Ariko Yavukiye hariya, ni umwana w'ikinyendaro. Turebe, se na nyina bameze batya, kuriya n'ibindi." Nta We bamenye. Iyo bajya kumenya Ibyanditswe, baba baramumenye. Ni We wabyivugiye.

Bavugaga bati: "Turi abigishwa ba Mose!"

Yavuze ati: "Iyo mumenya Mose, muba munzi, kuko Mose ari Njye yanditseho." Kandi ubwo bari bakabije ubuhumyi byo kutabibona!

Murabona uburyo biciye bugufi? Kure y'amatsinda yose, n'amadini, n'imihango, n'ibindi. Imana yaje gutura mu mubiri, Ifata ishusho y'Umuntu, ya Mwene wacu w'Umucunguzi.

Agomba gusa na We. Turarikiwe kuba abana b'Umucyo, kugira ngo tugendere mu Mucyo.

51 Ndibutse, hano muri Kentucky, nta gihe gishize, nagize amateraniro. Hanze, ubwo nasohokaga mu rusengero, habaga hari umusaza wabaga aho, afite itara mu ntoki. Yari umuyoboke w'idini ritizera ko Imana ikiza indwara, n'ibindi. Avuga ati: "Si-sinemeranya na we, Mwene Data Branham."

Mvuga nti: "Mu by'ukuri, ni uburenganzira bwawe."

Avuga ati: "Urabona, mpakanye kwakira icyo ntarabona cyose. Ngomba kukibona, neza mu buryo busobanutse."

Mvuga nti: "Ku bw'ibyo, waba umaze kubona Imana, neza mu buryo busobanutse, imbere yawe?"Nta gushidikanya ko atemeraga amayerekwa n'ibindi.

Avuga ati: "Oya."

"Mu by'ukuri," ni ko navuze, "ku bw'ibyo, nturi umwizera, mugabo. Sinashobora kuvugana na we. Murabona? Murabona? Tubona icyo Imana isezeranya, maze tukacyikomezaho."

Avuga ati: "ni mu buhe buryo ugera kuri icyo gitekerezo?" Mvuga… Avuga ati: "Ngwino tujyane iwanjye muri uyu mugoroba, maze tubone kuvugana."

Mvuga nti: "Sinshobora; nakwifuje. Utuye he?"

Avuga ati: "Ni ukujya inyuma y'uyu musozi, hano."

Mvuga nti: "Ni gute uri bubigenze kugira ngo ugereyo? Inzu yawe nta yo ubona." Yego. Yego.

Avuga ati: "Mu by'ukuri, hari inzira yerekeza inyuma y'umusozi."

Mvuga nti: "Nta nzira ubona."

Avuga ati: "Mu by'ukuri, mfite itara."

Mvuga nti: "Itara ntirihita rimurika inzu. Yoo oya. Ah'ubwo inzira iri bwerekeze i muhira. Ah'ubwo iryo tara riri bumurike intambwe imwe imwe."

52 Tuzagendera mu Mucyo, Umucyo mwiza; intambwe imwe imwe, Mwami, tumwegera. Yego. Bana b'Umucyo, mwakire Ijambo Rye, mukomeze mugende maze mubone Rirushaho kwibumbura. Ntimukitandukanye na Ryo, icyo undi wese yavuga. Muryikomezeho, maze mukomeze kugendana na Ryo gusa, murebe aho Ryibumbura kandi Rikihishura. Ijambo ni imbuto; imbuto mu butaka bwiza izera uko ubwoko bwayo buri.

53 Mwitegereze, Ibyahishuwe 10: 1-7, ubwiru bwose bugomba guhishurirwa Umugeni, n'intumwa y'Itorero rya Lawodikiya. Ese hari uwaba afite Bibiliya, ihindura risubiwemo [ihindura ry'icyongereza rya Bibiliya rya 1884-U.I.]? Niba ari yego, muraza kubona ko ahanditse "marayika", mu dukubo handitse "ikizu". Murabona? Murabona? Intumwa y'I-Itorero rya Lawodikiya, murabona, Ibyahishuwe 10: 1-7.

Kandi yambwiye ko icyo… muri kiriya gihe, ubwo yabonaga Amanuka, yamize ako gatabo. Kandi hari… "Ashyira ikirenge kimwe ku butaka, maze ikindi Agishyira ku Nyanja, hanyuma arahira Ihoraho iteka ryose ko 'ari nta gihe gisigaye'." Kandi amaze gukora ibyo, Uguhinda Kurindwi kw'Inkuba kumvikanisha amajwi yako. Kandi uko Guhinda Kurindwi kw'Inkuba kumaze kumvikanisha amajwi yako, Yohana yavuze ko yari agiye kwandika. Ah'ubwo Avuga ati: "Ntubyandike." Murabona? Hanyuma abifatanisha ikimenyetso.

54 Noneho, hari uzavuga ati: "Mu by'ukuri, ibyo bimenyetso Birindwi, rero, Mwene Data Branham, bigiye guhishurwa, mu bihe bya nyuma, bizaba ari ubwiru bukomeye, ngo bitwereke uburyo twakwegera Imana?" Oya mugabo, ntibishoboka.

"Nihagira ugabanya Ijambo rimwe gusa kuri iyi bibiliya, cyangwa akariyongeraho, umugabane we uzagabanywa ku Giti y'Ubugingo." Icyo biri cyo, ni uguhishurirwa icyaburaga, kigiye kuzanwa. Bimaze kwandikwa Hano. Ni uguhishura icyamaze kwandikwa. Murabona? Mu by'ukuri, ntushobora kugira icyo wongera kuri Yo, habe no kugabanya kuri Yo Ijambo na rimwe.

55 Igice cya mbere cy'Ibyahi-…cya-cya Bibiliya, mu ntangiriro, itangiriro. Umugore, si uko atizeraga, ah'ubwo yasobanuye nabi gusa, yaretse Satani amuha igisobanuro kibi Cyabyo, ijambo rimwe gusa: «Nta gushidikanya». Murabona? Hanyuma, uhereye aho, ni cyo cyateye ibi bibazo byose. Kandi ni Imana yavugaga, ijambo ry'Imana.

Kandi mu gice cya nyuma cy'Ibyahishuwe, Yesu Ubwe, ya Mana imwe, yavuze ati: «Nihagira ukura kuri Yo Ijambo na rimwe, cyangwa akongera kuri Yo Ijambo na rimwe.»

Ibi, ni uguhishurirwa Yesu Kristo mu buryo bwuzuye. [Mwene Data Branham akubita buhoro kuri Bibiliya ye.-U.I.] Kandi Ibimenyetso Birindwi byari bihishe ubwiru, Icyo byari cyo cyose; kandi Bigomba guhishurwa, mu gihe cya nyuma, mu gihe cya Lawodikiya, ku mperuka. Imana ishimwe! Ni cyo gishyira iherezo ku Butumwa bwagenewe itorero. Ni cyo kibushyiriraho iherezo. Turebye inyuma, kandi tukabona ibyabaye, tukanabona icyo ibyo byose byagezeho, ni cyo kibushyiriraho iherezo, igihe cy'Itorero.

56 Noneho mwitegereze, impanda tuvuga, ni ihamagara ngo duterane, byaba se ari ku bw'umunsi mukuru, ku bw'intambara, ku bw'umuntu, ku bw'umunsi wejejwe, cyangwa ku bw'ikintu kimwe nk'icyo. Mwitegereze. Muvuga muti: "Ku bw'umuntu umwe?" Yego. Cyangwa ku bw'umwaka wa yubili, ukumenyeshwa umudendezo w'umwaka utaha, igihe cyo gusubira iwabo; ni byiza, twashobora gukoresha igitondo cyose kuri iyo ngingo yonyine. Ariko, noneho, ku bwo gutangira impanda. Noneho kuba mufite ikirere, Ibimenyetso n'Itorero, noneho tugiye gutangira impanda. Impanda yaravugaga, kandi impanda imenyesha, wenda intambara, cyangwa umunsi mukuru. Cyangwa, icyo ibyo bisobanura, "iteraniro ry'abantu", impanda.

Pawulo yavuze ati: "Niba impanda ivugije ijwi ritumvikana, ni nde wakwitegurira intambara, cyangwa amahoro, cyangwa ikindi?" Ni nde uzamenya? Mugomba kumenya ijwi ry'impanda.

Ku bw'ibyo, iyo impanda ivuze, tubona ko hari ikintu kiri ku isi none. Hari ahantu hari ibibazo bikomeye. Nta we utabizi. Abantu bose barwaye mu mutwe. Isi yose ni isi y'abarwayi bo mu mutwe, kandi tuzi ko hari ikitagenda. Pantagone, hose, tuzi ko hari ikitagenda.

57 Nyamara, uburyo rukumbi bwo kumenya ijwi ry'impanda, ni ukurega ikivugwa ku Rupapuro rw'indirimbo. Murabona? Nta kindi. Ni semfoni (symphonie) ikomeye, murabona, birimo injyana.

Urugero Petero n'ikirura, murabona, iyo mu… iyo u… kandi u-umuhanzi yanditse agatabo, n'umuyobozi w'itsinda ry'abaririmbyi (orchestre) agomba kuba ari mu mwuka umwe n'umuhanzi. Bitaba ibyo, ntabashe gutera mesire nk'uko bikwiye, maze icyo gihe, byose bikayoba.

Ni byo biriho none. Dukabije ubwinshi bw'abayobozi b'itsinda ry'abaririmbyi mu… batari mu Mwuka w'Umuhanzi. Bavuga bati; "Idini, mu by'ukuri, twizera ibi."

Ibyo uzavuga byose, Bibiliya ni Yo iri mu kuri. Tera mezire ukurikije Urupapuro rw'indirimbo, ruri hano imbere; ni bwo semfoni ikomeye, y'umurimo ukomeye w'Imana, izaririmbwa nk'uko bikwiye, ni bwo tuzashobora kubona iby'iki gihe, n'aho tugeze.

58 Noneho mwitegereze, impanda ihamagarira abantu guteranira hamwe, bagakora inama ku bw'ikintu runaka. Rimwe na rimwe, yategurizaga umuntu ukomeye.

Urugero, ku bwa yozefu, bavuzaga impanda, iyo Yozefu yabaga ahingutse; kikaba ari i-ikimemyetso cy'"Impanda Ikomeye" tuvuga, kandi tugiye kubona mu kanya, muri Yesaya. Ahanditswe ngo: "Ubwo Impanda Ikomeye izavuga, ubwo ririya bendera rizazamurwa, hejuru iriya; nib wo igihe kizagera cyo kuvuga kw'Impanda ikomeye, kandi amahanga yose azateranira i Yerusalemu." Ibi, ni igihe Ingoma y'imyaka igihumbi izatangirira; Impanda Ikomeye.

59 Noneho, iri hamagara, iry'umunsi mukuru w'impanda, hari ikintu runaka cyegereje. Mwitegereze, Ibyahishuwe 8: 7, niba mushaka kubyandika. Turabona Impanda ya Mbere, habayeho urubura, amaraso, umuriro, hirya no hino ku isi; neza neza nk'uko byabaye mu Kuva, ubwo Imana yahamagariraga ubwoko Bwayo gusohoka, mu gihe cyo kuva.

Nyamara, impamvu izi Mpanda Zirindwi zitareba iri Torero habe n'iki gihe, ni uko ari umwihariko wa Isirayeli. Ni ihamagara, ngo abantu bateranire hamwe. Kandi, ni byiza, hari ikintu kimwe gusa nshaka ko musobanukirwa, mu kanya gato, ni ukubona impamvu ibi bitareba iki gihe turimo; Impanda Zirindwi.

60 Nzi ko abantu benshi tutabyemeranyaho, ariko nzi ko ari byo. Ndabizi. Si uko mbivuga, mubivuga; kuko atari njye biturukaho. Igitekerezo cya-cyanjye si icyanjye. Niba Icyabimbwiye cyaribeshye, rero ni ikosa. Ariko simbivuga ku bwanjye, nsubiramo icyo Undi yavuze. Icyo Undi, ni Imana yatuvugishije inakora ibyo bintu byose Yakoze, kandi Ibonekera abantu, murabona, rero, nzi ko ari ukuri.

61 Gu-guteranira hamwe kwa Isirayeli, ni Impanda. Impanda ziteraniriza Isirayeli hamwe. Mwitegereze, Impanda ya mbere iravuga: amaraso, umuriro, urubura n'ibindi, bijugunywe hirya no hino ku isi. Murabona? Ni iki Yakoraga? Yasohoraga Isirayeli muri Egiputa y'umwuka, murabona, Iyigaruye muri gakondo yayo.

Noneho, hano, munyemerere mvuge ibi: buri Mpanda yavuze, yavugiye munsi y'Ikimenyetso cya Gatandatu. Tugiye kubigeraho mu kanya, aho twabonye ikimenyetso, hariya. Impanda zose zavugiye munsi y'Ikimenyetso cya Gatandatu.

Mu by'ukuri, ku Kimenyetso cya Karindwi, habaye ituze. «Nta muntu wagiraga icyo yamenya; ni cyo gihe Kristo yari agiye kuza», nk'uko Yabiduhishuriye.

62 Ah'ubwo buri Mpanda yavugiye munsi y'Ikimenyetso cya Gatandatu, hamwe no kurengana kw'Abayuda. Mwitegereze, Ibyahishuwe 8, hariya, uhereye ku murongo wa 7. Ibyo byose byabaye ihamagarira gusohoka, rya Isirayeli, ryo mu bisanzwe, muri Egiputa; noneho ni ihamagarira gusohoka, rya Isirayeli, ryo mu mwuka. Yarabateguraga, ngo baze mu munsi mukuru w'impongano.

Mwitegereze, umunsi mukuru w'impanda wabanzaga kuza, aba ari wo pantekote. Umunsi w'impongano ugakurikiraho, nyuma y'iminsi mirongo itanu. Umunsi w'impongano, mubisome, hano. Dushobora kuba tugiye, niba igihe kibitwemereye, turi bubivugeho maze tubibasomere muri Bibiliya, hano, mu Balewi 12, hariya, cyangwa ah'ubwo mu Balewi 23, n'Abalewi 16. Tubona ko uwa mbere, wari umunsi mukuru w'i-impanda. Hari impongano n'i… byakurikiragaho, nyuma ya pantekote. Noneho tubona … Umunsi mukuru w'impongano wazaga nyuma y'umunsi mukuru w'impanda.

63 Noneho mwitegereze, Impanda imwe yaravuze, kandi byari ukubateraniriza hamwe. Rero, Impanda ya Mbere yavuze, habayeho urubura, amaraso, umuriro, byisutse ku isi, neza neza kimwe n'ibyabaye muri Egiputa, umwiteguro mbere yo kubahamagarira Umunsi w'Impongano. Murabona? Banze Impongano nyakuri. Kandi iyo myaka yabaye miremire, hano, yabaye umwaka wa pantekote. Murabona? Noneho, ikigiye gukurikiraho mu kurangira, ni icy'Abayuda.

Icyo dufite ubu, ni uguhamagarirwa gusohoka, kw'Itorero. Mwitonde cyane. Ni byiza, hanyuma, Yabajyanye mu gihugu cy'isezerano; kandi Izakora nk'ibyo, kandi,

nk'urugero, Ijyana Itorero mu gihugu cy'isezerano.

Mwibuke, buri Mpanda yavugiye munsi y'Ikimenyetso cya Gatandatu, ni aho honyine zavugiye.

64 Noneho mwitegereze, neza neza, ugukomeza kw'Ibyanditswe, kumwe neza neza. Munsi y'Impanda ya karindwi, ku bwa Isirayeli, ni bimwe n'icyo Ikimenyetso cya Karindwi cyari cyabereye Itorero. Tubona, munsi y'Ikimenyetso cya karindwi, ko, ubwo buriya bugingo bwari munsi y'igicaniro, hariya, bahawe amakanzu… Bahawe amakanzu, atari uko bari bayakwiriye, kuko babarirwaga mu gihe Imana yari ikigaragariza abanyamahanga ubuntu Bwayo, atari Abayuda. Isirayeli ikizwa nk'igihugu. Imana ikorana na Isirayeli nk'igihugu. Abanyamahanga, bo, ni «ubwoko bw'Izina Ryayo», si igihugu cy'Izina Ryayo. Isirayeli!

65 Kandi ubwo Hitileri (Hitler) n'abandi barenganyaga Abayuda, bakaba barakoze ibyo bakoze, munsi… Murebe, bo, Staline, Hitler, na bariya banyagitugu bari bihagurukije. Iyo tujya kugira igihe, hariya, cyo gusubiriramo abakigera hano, ariko ni ibintu tumaze kubona. Muri kiriya gihe, ubwo hari mu Budage no-no mu yandi mahanga, bariya Bayuda bari batataniye muri ibyo bihugu byose. Ah'ubwo hahagurutse, mu myaka makumyabiri ya nyuma, akarengane gakomeye kakorewe Abayuda.

Nagiye hariya, kureba ahantu hashaje batwikiraga imibiri yabo, barabashiririzaga maze bagakoresha i… bagakoresha ivu ryabo nk'ifumbire y'imirima - abana b'abayuda, abagore, n'abandi. Hanyuma, bagashaka kubihakana; twashobora kubajyana ahantu runaka maze tukabereka aho byabereye.

Habayeho akarengane gakomeye kakorewe Isirayeli, kuko ari cyo gihe yahamagariwe, hariya, kugaruka ku bw'Impongano. Iracyari munsi y'impongano y'umwana w'intama usanzwe. Umwana w'intama w'Imana ni We Mpongano, ariko yaramwanze, hanyuma Amaraso ajya kuri we uhereye ubwo. Mwitegereze, gutegura abantu! Mbega uburyo bitunganye, Impanda ya Karindwi n'Ikimenyetso cya Karindwi, rero, birahura neza neza, akarengane kakorewe Abayuda.

66 Mumenye neza, mu Byahishuwe, igice cya 9 n'umurongo wa 13, mwitonde cyane, hariya: munsi y'Impanda ya Gatandatu. Ibyahishuwe 9: 13, munsi y'Impanda ya Gatandatu, mumenye neza ko abagendera ku mafarashi ibihumbi magana abiri bari baraziritswe ku mugezi wa Ufurate bazituwe munsi y'Impanda ya Gatandatu. Nyamara, nta bagendera ku mafarashi ibihumbi magana abiri bari mu isi; nyamara, abagendera ku mafarashi ibihumbi magana abiri bari bahari. Mubyitegereze. Nifuzaga ko mubyandika, kugira ngo mubashe kubisoma.

Ntiyari amafarashi asanzwe. Umwuka wayo, wari umuriro, kandi yari afite igikingira inkoro cya yasipi, kandi-kandi yari afite imirizo, isonga ry'umurizo ryasaga n'inzoka, umutwe w'inzoka ku isonga ry'umurizo, warumanaga. Murabona? Yari amafarashi y'umwuka, amadayimoni y'umwuka, amafarashi y'intambara yari yaraziritswe ku mugezi wa Ufurate muri iyo myaka yose, amadayimoni adasanzwe. Byari ibiki? Ubwami bw'abami bwa kiroma bwa kera bwari buzutse: akarengane kakorewe Abayuda. Bari baraziritswe mu gihe gikabakaba imyaka ibihumbi bibiri, ku mugezi wa Ufurate, batabasha kwambuka ngo bagere ku isezerano; idini rimwe ryashakaga kwambuka. Ufurate, murabizi, yambukiranyaga Edeni. Ah'ubwo yari aziritswe hariya, amadayimoni ibihumbi magana abiri arenganya.

67 Hanyuma mwitegereze ibibera munsi y'iyo Mpanda ya Gatandatu. Yarekuriwe ku bayuda: akarengane kakorewe Abayuda. Amadayimoni adasanzwe, mu gihe gikabakaba imyaka ibihumbi bibiri, akaba yararekuwe na Staline, Hitler, ku Bayuda. Muvuga muti: "Mu by'ukuri, ibi, ntibivuye i Roma." Ni wa mwuka umwe. Bakoze bimwe n'ibyo bari barakoreye abakristo, igihe cya Roma ya gipagani ya kera. Noneho murebe Isirayeli isanzwe, n'Itorero ry'umwuka, hariya, tugiye gukora umwihariko hano. Yarekuriwe ku Bayuda.

Muribuka, munsi y'Ikimenyetso cya Gatandatu, buri wese muri izo nzirakarengane, dushingiye - dushingiye ku Ijambo ry'Imana, yahawe ikanzu. Yarabahawe, ku bw'ubuntu, kuko bahumywe, babujijwe kubona Ubutumwa Bwiza bwabo, kugira ngo ubwo bwoko bwatoranirijwe kuba U-Umugeni bushobore guhamagarirwa gusohoka mu mahanga. Bahawe amakanzu, ni Bibiliya ibivuga, hano, munsi y'iyi Mpanda. Abo Bayuda, barwanya Kristo byimazeyo, n'ibindi; niba ari ko bari, ni uko, ni Bibiliya ibivuga, bahumywe. Kandi bahumywe kubera mwe. Kandi Imana ikiranuka izi ko baba

baramwakiriye, none bahumywe kubera mwe. Ni Bibiliya ibivuga.

68 Ngubwo rero Ubwami bw'abami bwa Roma, buziritswe hariya na (iki?) ubutegetsi bw'idini. Mu by'ukuri, Roma, Roma mpagani yahindutse Roma ya gipapa, maze izirikwa hariya mu mihango yayo ya gikirisito. Igice cy'ubukirisito na-n'icy'ubukonikoni bwahawe na Roma, mu kugira ibyabwo ibi byose: kuramya abagore, n'ibindi bintu byose nk'ibyo, n'iminsi ya Noheli, n'iminsi mikuru, n'iminsi mitagatifu, n'ibindi. Bwaziritswe n'uwo muhango, budashobora kwikuraho, kuko bwaba bugiye guhangana n'amahame ya gikirisito. [Mwene Data Branham akubita incuro nyinshi ku gicaniro.-U.I.] Ni wa mwuka umwe mubi, wa gipagani! Kandi uwo mwuka wasakaye mu mahanga y'isi, dushingiye ku buhanuzi bwa Ezekiyeli n'ubw'abandi.

Hanyuma arekurirwa ku Bayuda, batagiraga icyo bamenya mu bya Mwuka. Ngubwo, ubwiru bwanyu buhishwe munsi y'Ikimenyetso, hariya. Murabona? Mubyitegereze. Twamaze kwiga ibyo bintu. Kandi ngiye kubereka icyo iyi Mpanda ari cyo, hano, iyi Mpanda ya nyuma, ikibaye. Ngizo. Izo Mpanda zarekuriwe ku Bayuda (murabibona, si byo?) atari ku banyamahanga. Abanyamahanga, ubwo Ibimenyetso byabumburwaga, bashyizweho Ikimenyetso, biteguriye Izamurwa; igihe, cyararangiye; Itorero ryarahamagawe.

69 Mwaba mwibuka iyerekwa rya kiriya gihe? Mwaba mwibuka itera-… iyerekwa riheruka? Ni bangahe baryibuka, ku cyumweru, mu byumweru bibiri bishize? Ryari hariya, neza neza, ryaratambutse. Twararibonye, neza neza twabonye kiza icyo kintu cyanduye, gikabije kwandura, cyiyitaga itorero, kiri hanyuma y'ibibi byose. Kandi uwo Mugeni muto, wa buri gihugu, buri wese wambaye umwambaro uranga igihugu cye, kandi wagendaga mu buryo butunganye imbere y'Uwiteka.

Mwitegereze, hazaza igihe, igihe kimwe, ubwo bazavuga bati: "Mu by'ukuri, natekerezaga ko Itorero ryagombaga kugenda mbere y'ibabazwa. Natekerezaga ko hajyaga kubaho Izamurwa."

"Ryarabaye, ntiwabimenya."

Ni byo Yavuze kuri Yohana, igihe kimwe, murabizi.

Bavugaga bati: "Ni gute, kuki abahanuzi bavuga ko… abanditsi bavuga ko Eliya agomba kubanza kuza?"

Avuga ati: "yamaze kuza." Abigishwa ubwabo ntibari barabimenye. "Bamugenje uko bashatse."

Izamurwa rizagenda rityo. I-igihe… Yarabisezeranye. Ntiyasezeranye kwerekana Eliya gutya, ah'ubwo Yasezeranye kuzaza gushaka Umugeni gutya. "Igihe uzaba utabitekerezaho", ihindurwa ryonyine, mu kanya nk'ako guhumbya, Azaba yazamuwe. Rero, muzaba mwasigaye, rero, ni icyo gihe!

70 Mu myaka ibihumbi bibiri, uwo mwuka, kubera abntu ba Roma, itorero rya Roma, ntiwashoboraga kugira icyo ukora. Ah'ubwo uwo mwuka wabanje kubonekera muri Mussolini I Roma, umunyagitugu. Murabizi, …batanu.

Yanyeretse ibintu birindwi, muri 33, byari bigiye gusohora. Bitanu muri byo byarasohoye. Dogiteri Lee Vayle ariho arabyandikaho igitabo none aha. Murabona? Ibintu bitanu, neza neza, hakaba hasigaye gusohora bibiri gusa. Yavuze ko"byajyaga gusohora gato mbere y'uko Aza". Dore turi ku iherezo noneho, kandi bisa n'aho ikintu cya gatandatu kiri mu nzira kiza. Murabona? Mu buryo butunganye, neza neza, kugeza ku ntambara n'uburyo byajyaga kugenda, biboneye, kandi nta na rimwe byigeze binanirwa.

Mwuve, ncuti, twakagombye kwisuzuma buri gihe. Ntimuzi aho tugeze. Biri bugufi cyane!

71 Rero, rero, yarekuye, ku, munsi y'icyo Kimenyetso cya Gatandatu, ayo madayimoni y'umwuka ibihumbi magana abiri, ahereye I Roma, mu Budage, Hitler. Kandi mwitegereze, muri Bibiliya, aho bakiririye, nta narimwe… Bahawe ububasha bwa cyami, ariko batarimitswe. Umunyagitugu si umwami utamirije ikamba; ahabwa gusa ububasha nk'umwami.

Yoo, Mwuka w'Imana ari muri njye, arizunguza none aha, murabizi, hari icyo Ambwira. Sinzi uko nabivuga, habe n'icyo navuga, kandi wenda naba ngize neza nifashe.

72 Mwitegereze, amad-amadayimoni ibihumbi magana abiri yarekuriwe ku Bayuda, mu gihe babatwitse, bababambye. Bakaba barabateye umwuka mu mitsi. Bakaba barabishe, kugeza ubwo hatari hakiboneka umwuka (gaz) yo kubicisha. Bakaba barabarashe, kugeza ubwo batari bakibona amasasu yo kubarashisha. Kandi-kandi bakoze ibyo bashoboraga gukora byose. Bashiririje imibiri yabo, n'ibindi. Kandi bababambaga ku nkike; abana, n'abandi, abantu b'inzirakarengane. Kuko bari Abayuda, ni yo mpamvu babakoreye ibyo. Ariko Imana yavuze ko yahaye ikanzu buri wese muri bo, n'ubwo batari babikwiye; ah'ubwo ni ubuntu Bwayo, Yarei yarabahumye, kugira ngo twebwe, tubashe kubona.

Ikimenyetso cya karindwi ntikirakabumburwa, murabizi. Ni Ukuza Kwe.

73 Rero, mu gihe bakiri hariya, munsi, ariko, Atwereka hano, mu iyerekwa ribanje. Nka Yohana, Yari yabanje kuzamura.

Igihe kimwe, agendera ku Nyanja, murabizi… Yavuze ati: "Iherezo ry'uriya muntu wisegura igituza Cyawe ni irihe?"

Yamushubije ati: "Upfa iki ni agumaho kugeza igihe Nzazira?" Murabona, ntiyagumyeho, ah'ubwo Yaramuzamuye kugira ngo amwereke, hariya, ibyari bigiye kubaho kugeza igihe Azazira. Yaramweretse gusa, Yeretse Yohana umugambi wose.

74 Mwitegereze, tubona, rero, ko ubwo bubasha busanzwe, mu bisanzwe, bwagenewe igihugu gisanzwe, Isirayeli, bwazituriwe hariya. None bwakoze iki? Bwagiye kurwana, maze burica kandi burarenganya.

Noneho, mu rwego rw'idini!

Ni… mbese mwebwe… niringiye ko Imana izabahumura amaso kuri ibi, noneho. Mu by'ukuri, ndabona ko ibi bitareba gusa uru rusengero gusa. Iyi bande izajya ku isi yose. Icyo ngendereye, si ukugira uwo nkomeretsa, ah'ubwo ni ukuvuga Ukuri byonyine.

Noneho urwego rw'idini rwafungutse, uhereye ku bubyutse busanzwe bwa Roma mpagani ya kera, yari yarigabije Abayuda, akaba ari nta gihe itababereye umwanzi. Intare, n'amenyo n'ibindi, yarasiribangagaga kandi ikica abantu. Roma, nta gihe itabaye umwanzi w'Imana! Kandi warazituwe, wa mwuka umwe, n'abanyagitugu bo mu isi, kuko imikorere y'idini, yo, yari ikiwufatiriye. None dore ngo urarekurwa.

75 Ni iki wakoze?

Mu "bucakura", nk'uko Yabivuze, watangiranye ugushyeshyenga. None ni iki wakoze? Uriho uraremesha Inama mpuzamadini ya poroso y'isi yose, kuko umwuka w'antikristo uri kuri byombi, abijyanye mu ibagiro, neza neza nk'uko bari barakoreye wa undi, igihe cy'ihamagarwa ry'Umugeni. Ni gute? Urekuriwe mu rusengero, umunyedini, umwuka. Warekuriwe ku ki? Si ku madini; ku Itorero! Ariko hano, mugiye kubyumva, umugeni ntashobora kunyura muri ibyo bihe. Bibiliya ivuga ko bidashoboka. Idini yego, ariko si Umugeni. Murabibona, si byo? Ababwirizabutumwa, murabibona, si byo, bene Data?

Muvuga muti: «Itorero rigomba kunyura mu karengane, kugira-kugira ngo rigere ku gutunganywa Kwaryo.» Ni Amaraso ya Yesu atunganya Umugeni.

Umugabo uhitamo umugeni, nta bwo amuhanisha ibihano by'uburyo bwose; yamaze kugiririrwa ubuntu, na we, imbere y'umukobwa; yagiriwe ubuntu imbere y'umusore. Ba-bahana umuhigo bombi. Kandi iyo hagize ikiba, azamurinda ikintu cyose yashobora gushorwamo. Ubuntu bwe ni bwinshi cyane kuri bo.

76 Kandi ni ko bizamera ku Mugeni, kandi ni ko bimeze ku Mugeni.

Ibiremwa bidakwiriye turi byo, abari bakwiye ukuzimu, ah'ubwo ni ku bw'ubuntu Bwe twakijijwe. Mwitegereze ingano y'abantu barimbuka kandi bahumye! Hari, hari abanyabyaha bangahe mu isi, ubwo nakizwaga! Imana yampaye agakiza ifite intego; kandi niyemeje, mu bushake bwayo, gusohoza iyo ntego. Uko ibisigaye byashobora kugenda, birampwaniye; ndashaka gusohoza ibyo.

Kandi mu gihe mbona amadini yose, ishashagirana ryayo rikomeye, "kandi bakize, ari nta n'icyo babuze", nk'uko bavuga; ukababona, ari abatindi, indushyi, impumyi; n'abantu bagukubita agashyi ku rutugu, bashaka ko wifatanya na bo. Navukiye intego, ni ugucira biriya ho iteka no guhamagarira abantu kuvamo. Kandi ni cyo nkora.

Mwibuke, ubwo Yesu yazaga mu isi, nta n'umwe mu ijana by'abantu bari mu isi

wigeze amenya ko Yari ahari. Yaje gushaka iryo tsinda ry'intore. Yavuze ati: «Nta waza aho Ndi atari Data umureheje. Kandi abo Data yampaye bose, (mu gihe cyatambutse), bazaza. Bazamenya. Ibyo bazabitega amatwi.»

77 Mwitegereze uwo mwuka wa kinyedini waziyuwe. Noneho, nyuma y'imyaka makumyabiri, nyuma y'iyo ntambara, tubona umwuka wa kinyedini wazituwe. Munsi y'iki? Ikimenyetso cya Karindwi; Impanda ya Karindwi ku Bayuda.

Murebe ukwezi kwijimye. Munsi y'iki? Murebe, kurikubuye, Umwana w'umuntu wirukanywe mu idini.

Ni ibiki? Ubumwe n'itsinda ry'irinyedini. Ishyaka mpuzamadini, kandi, binyuze mu Nama Mpuzamadini y'isi yose, yaroshye abantu bose… Kiriya kintu, gishaka kuvuga ik? Mu by'ukuri, mugomba kwitandukanya n'inyigisho zanyu za kiyevanjeliki zose n'ibindi. «Ni gute abantu babiri bagendana batasezeranye?» Ntibyashoboka. Yesu yavuze ko bitashoboka. None ni gute idini, abametodisite n'ababatisite, bashobora kugendana? Ni gute Itorero rya Kristo ryashobora kugendana n'abaperesibiteriyani? Ni gute abagatolika bashobora kugendana n'abaporoso? Ni gute abaporoso bashobora kugendana n'abaporoso?

Ariko Umugeni ashobora kugendana n'Ijambo, ari Ryo Kristo. Hagomba kubamo ubwumvikane. Nta mikorere ya kinyedini, ah'ubwo Ijambo. Mugomba kwemeranya n'Ijambo, kugira ngo ugendane n'Ijambo. Ni ko Yesu yavuze. Rero, nta kabuza ni ukuri.

78 Mwitegereze, nguwo, noneho, ararekuwe, none aravuga ko izo ngingo nto zari zarirengagijwe zose: «Yoo, mu by'ukuri, nta cyo bihinduraho na gito uko biri kose.»

Ni cyo Satani yabwiye Eva: «Nta cyo bihinduraho. Nta cyo bitwaye. Nta gushidikanya ko Imana ari Imana nziza. Idukunda twese.» Ashwi da.

Dukunze kumva abavuga ko ari Imana nziza. Ni Imana nziza, ariko, ubwo ari Nziza, Igomba kuba ikiranuka. Nta bwiza butagira ubutabera. Nta butabera butagira amategeko, nta guhana. Rero, ni cyo gihe turimo.

79 Mwitegereze, mwihuse, hariya, ayo madayimoni adasanzwe. Rero, munsi ya-munsi y'ubuyobozi bw'Igihugu Cyibumbye, amatsinda yibumbye, Uburasirazuba n'Uburengerazuba.

Ni nk'ikirenge cy'ibumoso n'icy'iburyo by'ikibumbano Daniyeli yabonye, ntibashoboraga kumvikana ngo bishyire hamwe. Kandi ijambo Eisenhower, kiriya gihe… Eisenhower, bishaka kuvuga «ubutare». Krouchtchev, bikavuga «ibumba». Hanyuma avanamo inkweto ye, maze ayikubita [Mwene Data Branham akubita kenshi ku gicaniro. -U.I.] ku meza mu… Muryango w'Amahanga, cyangwa Umuryango w'Abibumbye. Ni cyo Krouchtchev yakoze, yakunkumuye umukungugu w'i… Yoo la la! Igihe turimo! Itorero n'uko rihagaze!

Ariko, Imana ishimwe, Umugeni muto yariteguye. Ntibizatinda. Mukomeze gusa mushikame. Ntibizatinda. Nta gihe nzi, igihe nta cyo nzi; nta ubizi. Ariko tuzi ko biri bugufi, ndetse cyane.

80 Mwitegereze itorero. Mwitegereze, mu bisanzwe, hariya, ibyakorewe bariya Bayuda. Bari ubwoko bwari bwarakomeye ku mategeko y'Imana. Ni amadini angahe yashyirwagaho, n'iki kindi, nta cyo yari avuze: ku birebana na kristo bari bahumywe, maze bakikomereza ku mategeko. Hanuma Imana ibaha amakanzu, buri wese muri bo, kuko bahowe Imana. Murabona? Ba-ba… Bahumywe ku bwacu.

Dore noneho ngo Itorero, ritagira ikindi rimenya uretse Bibiliya. Ntibashishikazwa n'imikorere ya kinyedini, y'idini, nta cyo bazi kuri ibyo. Ibyo byose, ni ibyo batazi. Baramuzi, We, kandi We wenyine.

81 Abantu ba none benda kumera nka Petero n'abandi, ubwo bari ku musozi w'Ihindurirwaho. Bari biteguriye kubona ikintu kidasanzwe kiba, maze umwe muri bo avuga ati: "Tugiye gushinga idini ry'abahanuzi, n'irya Mose."

Ni uko abantu bagenje, abapantekote. Bavuze bati: "Tugiye gushinga rimwe, Iteraniro ry'Imana; n'irindi, Itorero ry'Imana; n'iridi, abanyabumwe; n'irindi, abanyabubiri", n'ibindi, bityo.

Ariko nk'uko yari akivuga, Yehova yariyamiriye ati: "Uyu ni Umwana Wanjye Nkunda cyane," ni We Jambo, "mumwumvire!" Murabona? Ni We Jambo.

82 Igihe turimo, imyuka ya kinyedini yishyira hamwe noneho, kandi iyajyana yose muri ririya bagiro rinini, ngo iyarimbure. Bimaze kwandikwa, hano muri iki gihugu none aha, ko ariya matorero agomba gukingwa, keretse yemeye guhinduka amadini. Ni ubumwe, ni ukwanga, neza neza nk'ikimenyetso cy'inyamaswa.

Noneho murabona icyo ikimenyetso cy'inyamaswa ari cyo, si byo? Ni ububasha. Kandi ububasha, ububasha bwa kinyedini, Yesu yavuze ko "byajyaga gusa cyane ku buryo byajyaga kuyobya n'Intore iyo bijya kuba ibishoboka". Ah'ubwo Yadusezeranije ko hajyaga kuboneka Ikintu kimwe hano kuri twe, muri iki gihe, ngo kiturinde kuyoba, kandi ni Ijambo, na Kristo wo kuritwereka. Ni amadayimani, adasanzwe, atabonekera amaso, ariko mushobora kubona ibyo akora. Murabona?

83 Mwitegereze, mu gihe iryo tsinda rigendera ku ifarashi, bitegurira gusyonyora ikitemeranya na bo cyose, hari irindi tsinda ryateguwe, nyuma yaryo, Ibyahishuwe 19. Ubukurikiyeho twumva bavuga Itorero, Araje, na We, bidasobanutse ko ari ku mafarashi, ariko Bibiliya ivuga iti: "Yagenderaga ku ifarashi y'umweru, kandi ingabo z'Ijuru zari zimukurikiye ziri ku mafarashi y'umweru." Si byo?

Mu gihe itsinda ry'aha rifite ibihumbi magana abiri biziritse ku mugezi wa Ufurate, kandi bikaba byari biziritse uhereye imyaka ibihumbi bibiri, hari kandi na ririya dini ryaziritse Mwuka Wera uhereye mu myaka ikabakaba ibihumbi bibiri, muri kiriya gihe bahowe Imana, no mu bihe by'Itorero. Yaraziritswe, atari ku mugezi wa Ufurate, ah'ubwo ku muryango w'amahame n'inyigisho, ku buryo Mwuka Wera adashobora gukorera mu idini kubera imikorere yashyizweho n'ukuboko kwa muntu. Kandi Agiye kuziturwa, Agiye kugaruka, ni Bibiliya ibivuga. Kandi bombi bazongera guhangana ku rugamba, Rusuferi na Mikayire, bundi bushya, nko mu ntangiriro.

Baziritswe uhereye mu myaka ibihumbi bibiri, hafi yayo, imyaka ikabakaba ibihumbi bibiri.

84 Si imyaka ibihumbi bibiri yuzuye, kuko Abaroma bakomeje gukora, Titus mu mwaka wa 96 w'igihe cyacu, kandi bikomeza bityo, ngo yice Abayuda. Abaroma! Ni nde wishe Abayuda? Titus yari muntu ki? Umujenerali w'umuroma. Amaraso yatembaga munsi y'inzugi, hariya, kugeza… yoo, maze babica biteye ubwoba, abagore, abana n'abandi. Si byo Ezekiyeli 9 havuga ko bajyaga gukora? "Ca hagati mu murwa, maze ushyire ikimenyetso ku bantu baniha bakanataka", Mwu-Mwuka Wera. Na ho abandi, "abantu bicanaga baraza", bari baraziritswe; barimiriwe, barimiriwe, kugeza igihe basohokeye maze bakarimbura icyari aho cyose. Abagore bakiri bato, abagore, abana, impinja, n'abandi, barishwe bose. Neza neza.

Kandi n'ubu, dore ngo ibyo bintu biragaruka. Kandi dore iyo mikorere ya kinyedini igarutse igabye igitero, ihana, ikandagira icyitwa Imana cyose. Yoo, bafite imikorere yabo, inzego zabo n'amadini yabo, ariko ibyo nta ho bihuriye na Bibiliya. Bazahita bakubwira ko batanabyizera. Yego mugabo. "Vuga icyo idini rivuga."

85 Icyo Imana ivuga ni cyo gifite agaciro! Ni Ijambo. Umugeni yikomeza mu Magambo; babaye Umwe. Bashobora bate kuba Umwe? Iyo iryo Jambo ryanditse Hariya, rije muri wowe, ni-ni bwo wowe n'Ijambo muhinduka Umwe! Neza neza ni cyo Yasezeranye.

Rero, Ririsobanura. Imana ntikeneye umusobanuzi. Bavuga bati: «Mu by'ukuri, turisobanura dutya." Nta burenganzira ufite bwo kugira icyo usobanura. Imana ni Yo ibyisobanurira Ubwayo. Imana yavuze iti: «Habeho Umucyo», maze umucyo ubaho. Ni nde usobanura ibyo? Yavuze iti: «Umwari azasama inda», kandi byarabaye. Nta musobanuzi bikeneye; byamaze gusobanurwa. Imana yavuze ko ibyo bintu byajyaga kuba ubungubu, none birasohora. Ntibikeneye umusobanuzi. Birisobanura byonyine.

Mbega byiza!

86 Ibyahishuwe 19: 1, munsi y'Impanda ya Gatanu, umwami wabo… Mwitegereze, Ibyahishuwe 9: 1, noneho, umwami w'iryo tsinda rinini ry'amafarashi ibihumbi magana abiri. Bari bafite umwami wabategekaga, kandi, niba twitegereza, byari inyenyeri imwe, yari yahanutse. «Kuki wahanutse uva mu ijuru, Rusuferi?» Yoo, dogiteri Smith, buriya, mu by'ukuri ibyo byose yarabivangavanze, ariko nta cyo bitwaye, murabona, ntibyari iby'igihe cye. Murabona? Ni byiza. «Kwari ukuzimu; umwami w'i kuzimu ni we bari bafiteho umwami.»

Ibyahishuwe 17: 8. Hari icyo nanditse hano. Ngiye kubisoma gusa. Murabona hano,

Ibyahishuwe 17: 8. Ndashaka kubona ibivugwa hano, kuko ntazi neza uburyo bwo kwinjira mu ngingo ikurikira; 17: 8.

Iyo nyamaswa ubonye yahozeho, nyamara ntikiriho. Kandi igiye kuzamuka ive ikuzimu ijye kurimbuka. Abari mu isi amazina yabo atanditwse mu gitabo cy'ubugingo, uhereye ku kuremwa kw'isi, bazatangara babonye iyo nyamaswa yahozeho ikaba itakiriho, kandi ikazongera kubaho.

Murabona, «yahozeho», papa, arapfa, maze undi akamusimbura. "Inyamaswa yahozeho, itakiriho, iriho, itakiriho, iriho." Ntibihindura imikorere; ni papa, ibihe bimwe, n'ibindi. Byose bigomba kubarirwa mu mikorere imwe.

87 None igomba kujya he? "I kuzimu." Kandi Bibiliya ivuga ko hano ko "umutware wa bariya bantu yari aturutse ikuzimu, kandi ni we wari umwami wabo", yicaranye amakamba atatu, kandi ahuriza hamwe abaporoso.

Numvise umupadiri w'umuluteriyani avuga, kuriya gihe, wavugaga… cyangwa, umubwirizabutumwa w'umuluteriyani, wavugaga ati: "Mu by'ukuri, abantu bambaza ipamvu nambara i-ikoro. Ni gute bazantandukanya na…" Urahari? [Mwene Data umwe avuga ati: "Yego."-U.I.] Yego. Ibyo, byari bishekeje mu by'ukuri, si byo? Ha-habuze gato ngo nduke, namanutse ku gicaniro. Bavugaga bati: "Mu by'ukuri, nta tandukaniro ryakagombye kubaho."

Iyo aba Luteri, Maritini Luteri, yari yumvise ibyo, yajyaga kwihindukiza mu mva ye, yakavuze ati: "Mwa ndyarya mwe, ntimuri mu myanya hamwe n'abanjye." Yego. Murabona?

Mbese mwaba muzi aho bigeze?"Nta tandukaniro rihari."

88 Hari itandukaniro rimwe. Hari n'amatandukaniro hagati y'abantu. imana yavuze iti: "Nimundobanurire Pawulo na Barinaba", ni byo, "ku bw'umurimo." Nimurobanure! Imana, Irarobanura, nta bwo Ivanga. Irarobanu… idini rishaka uvanga neza, none, uzabemerera kwambara utwenda two kogana, amakabutura, n'ibindi, no gusohoka maze bagakora ibyo bishakiye batyo. Ariko Imana yavuze iti: "Nimundobanurire!" nimwitandukanye n'isi!

89 Mu Byahishuwe, tubona hano ko "umwami wabo yari aturutse ikuzimu", kandi ni na we "wajyaga mu irimbukiro", wazaga kandi akongera akagenda, wazaga kandi akongera akagenda, wagendaga.

Mwitegereze, mu Balewi, igice cya 23, uburyo ibisobanuro bitunganye, dushingiye kuri gahunda y'Ijambo, icyo tugerageza kubazanira ubungubu. Murebe neza ibi noneho, gahunda. Noneho turabona. Tuhafate rero maze tuhasome akanya gato. Mu Mubwiri-… si Umubwiriza, ah'ubwo Abalewi. Abalewi 23, noneho mwitegereze neza ibi, Abalewi, igice cya 23, buriya. Kandi ntidushakana busa ko ibi biducika, buriya, kugira ngo tubashe kubisobanukirwa neza nk'uko Uwiteka yabitwandikiye hano. Nta gushidikanya ko ntari bushakire Abalewi mu Kuva, si byo? Ni byiza, Abalewi, ni byiza. "Uwiteka…", umurongo wa 23.

Uwiteka abwira Mose ati: "Bwira Abisirayeli uti: Mu kwezi kwa karindwi ku munsi wako wa mbere, hajye hababeraho umunsi wo kuruhuka, ube uwo kubibukisha, muwurangishe kuvuza impanda, muwuteranemo guterana kwera. Murabona?

Ntimukagire umurimo w'ubugaragu muwukoraho, kandi ntimukajye muwutambiraho Uwiteka igitambo gikongorwa n'umuriro.

…kandi mujye muwutambiraho Uwiteka igitambo gikongorwa n'umuriro."

Noneho murebe neza. Noneho mwitegereze.

Uwiteka abwira Mose ati:

"Ariko umunsi wa cumi w'uko kwezi kwa karindwi ni wo munsi w'impongano…"

90 Murabona, impongano zazaga nyuma ya… Murebe neza, buriya. Impongano zazaga nyuma y'ijwi ry'impanda. Murabona? Mbega ukuntu ari byiza! Murabona? Umunsi w'impongano wazaga nyuma y'impanda.

Noneho - noneho, iminsi mirongo itanu y'impanda, kuri twe, utwibutsa igihe impanda yavugaga ku munsi wa pantekote, kandi hari ku munsi wa mirongo itanu. Noneho - noneho - noneho, nyuma, Abayuda banze Ibyo.

Noneho Impanda zigomba kubahamagarira kugaruka kuri iyo Mpongano, murabona, Impongano bari banze. Kandi banze kugira ngo amaso yacu abashe guhumuka; ayabo yarahumywe. Kandi muri kiriya gihe, Ibimenyetso byarabumbuwe, kandi I-I-Impanda zaravuze. None ubu, mu gihe Impanda zivuga, mbere gato y'uko Mesiya aza, kuko bagomba kuba bari muri Palesitina. Kandi, mwibuke, byabereye Imana ngombwa ko inangira umutima wa Farawo, kugira ngo ashobore kubirukana muri Egiputa; kandi Yanangiye Staline, Mussolini, n'abandi, kugira ngo Ishobore kubasubiza mu gihugu cy'isezerano, aho bya bihumbi ijana na mirongo ine na bine bagomba kuzaba bari.

None nubu, ku ncuro ya mbere uhereye mu myaka ibihumbi, imyaka ibihumbi bibiri na magana atanu, Isirayeli ni igihugu, n'ibendera ryayo bwite, ingabo zayo bwite, n'ibindi, kandi ifite umwanya wayo mu-mu Muryango w'Abibumbye (LONI). Ni ku ncuro ya mbere. Ibendera ryabimburiye ayandi guhungabanywa n'umuyaga, kuri iyi si, ryongeye guhungabana none aha, inyenyeri ya Dawidi y'amashami atan… atandatu. Yavuze ko Yajyaga kuzamura iri bendera mu bihe bya nyuma, Isirayeli isubiye mu gihugu cyayo. Turi ku iherezo. Nta wabishidikanyaho. Ni ho turi.

91 Mwitegereze, noneho, byihuse, Ibyahishuwe 9, munsi y'impanda ya karindwi, "umwami waboaturutse ikuzimu".

Hanyuma, mu Balewi, buriya, igisobanuro gihuye neza n'Ijambo! Mu by'ukuri, murabona, muri ako kanya, yubili ya pantekote, umunsi w'impongano wakurikiragaho; gahunda y'urukurikirane rw'icyo gihe cy'iminsi mikuru. Uhereye ku munsi mukuru wa pantekote ukageza ku mpongano, impanda zivugira impongano, hari umunsi mukuru wa pantekote, icyo gihe kirekire. Murebe, hari igihe kirekire uhereye kuri pantekote ukageza impa-… impanda zivuze, i-impanda bazivugije; igihe kirekire. Mu by'ukuri, hari iminsi mirongo itanu, uhereye-uhereye-uhereye ku munsi mukuru wa pantekote ukageza ku munsi mukuru w'impongano, hari iminsi mirongo itanu. Nyamara, iminsi mirongo itanu, neza neza ni amasabato arindwi.

92 Kandi amasabato arindwi, ni ya myaka irindwi y'Itorero, Ibihe by'Itorero. Murabisobanukirwa? Murabona? Nyamara, Abayuda barahumywe, barategereje muri icyo gihe cyose, icyo Imiganura ya pantekote yanyanyagijwe ku Itorero. Twambukiranije ibihe by'abahowe Imana, n'ibihe by'abagorozi, none ubu turi mu gihe cyo guhamagarirwa gusohoka; ibice bitatu, Mwuka umwe; nka Data, Umwana na Mwuka Wera, ni Umwe. Murabona? Ariko Ibihe Birindwi by'Itorero, ari byo masabato arindwi.

Neza neza amasabato arindwi, uhereye ku-uhereye ku mpanda ya yubili ya pantekote… umunsi mukuru wa yubili ya pantekote, kugeza… Umuba bazunguzaga, hanyuma yubili ya pantekote. Hanyuma uhereye kuri yubili ukageza ku mpongano, hari amasabato arindwi, iminsi mirongo itanu, kandi nyuma y'iminsi mirongo itanu, ni... impongano yabaga ikozwe. Murabisobanukirwa?

Noneho, kandi ibi byabaye urugero, Itorero,

93 Ubwo Yihishuraga nk'Umwana w'Imana, rero Yihishuriye Itorero binyuze mu mubatizo wa mwuka Wera, uko ibihe byagiye biha ibindi, mu-mu gihe cya pantekote, murabona. Ibihe byose bigenda birushaho; ugutsindishirizwa hamwe na Luteri, ukwezwa hamwe na Wesileyi, umubatizo wa Mwuka Wera.

94 Noneho, ni igihe cyo guhamagarirwa gusohoka. Ku Kimenyetso cya Gatandatu, ubwo cya-ubwo cyabumburwaga, akarengane kakubise Abayuda, icyo bita gukubita ; none dore ukubabazwa kw'idini, nk'idini; mu by'ukuri, Umugeni yamaze guhamagarwa. Amasabato yararangiye, byose birateguye ngo Abayuda bahamagarwe. Bahamagarirwa iki? Umunsi mukuru w'Impongano (iki?), kugira ngo bamenye Impongano; nta nkoko n'imbata, n'ibyo bakoraga mbere. «Umwana w'intama w'Imana, watambwe isi itarashyirirwaho urufatiro», Isirayeli izamenya Ibyo.

95 Mwitegereze, dore ikintu cyiza. Murebe! Mbega byiza! Mwuka Wera yaziritswe n'amadini, muri iyo myaka ibihumbi bibiri yose. Tubona ko ari ko Yabaye. Noneho murebe amasabato, ya masabato arindwi, ntibashoboye kwibohora byuzuye. Bi-Bibiliya ivuga ko: «Hazaba umunsi uzaba atari amanywa ntube n'ijoro.»

Yesu yavuze ati: "Kandi Ibyanditswe byose bigomba gusohora." Si byo? Muvuge muti: «Amina.» [Iteraniro riti: «Amina.»-U.I.]

Umuhanuzi yavuze ati: «Hazabaho umunsi batazashobora kwita amanywa cyangwa

ijoro, ariko nibigera nimugoroba, hazaba Umucyo.»

Byari ibiki? Rya zuba rimwe rirabagiranira i Burasirazuba, ni na ryo rirabagiranira i Burengerazuba.

Buri gihe izuba rirashe, rigakomeza urugendo rwaryo hanyuma rikarenga, bishushanya ubuzimwa bwawe. Agahinja karavuka, gafite intege nke, mu gitondo. Ahagana saa mbiri, ajya ku ishuri. Saa tanu n'igice, asohotse mu ishuri, igihe umunsi ukabije ubushyuhe. Hanyuma, atangira kumanuka, imyaka mirongo itanu, mirongo itandatu, mirongo irindwi, mirongo inani, mirongo cyenda. Akaryama aho, agapfa; gusa ari ukugira ngo azagaruke bukeye, maze azavuge ati: "Hari ubuzima, urupfu, ihambwa, izuka."

96 Kandi, murebe, iterambere ryakoze nk'izuba. Iterambere rya kera kurusha ayandi twaba dufite, ni Ubushinwa. Nta utabizi.

Ni he Mwuka Wera yamanukiye? Ku gihugu cy'i Burasirazuba, ku bantu b'i Burasirazuba. Kandi Ubutumwa Bwiza bwakurikiye inzira imwe n'izuba. Bwaturutse he? Bwaturutse hariya, i burasirazuba, ngo bujye mu Busage, buva mu Budage bujya mu Bwongereza… Bwambutse inyanja incuro eshatu. Mediteraneya, bujya mu Budage, buva mu Budage… Buvuye muri Mediteraneya, buvuye i Burasirazuba, bujya mu Budage, Bwambutse Mediteraneya, buvuye mu Budage, bwambutse manshe (La Manche), bwambutse Pasifike ngo bujye… cyangwa, Atalantika, bujya muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

Noneho, Buri ku Nkombe y'i Burengerazuba. Buri mu gihugu bwateje imbere, Bwafashe inzira yabwo, maze Burakomeza. Urugendo rw'iterambere; Ubutumwa Bwiza bwakoze urugendo rumwe hamwe na ryo. Noneho umwanda wose uri ku Nkombe y'i Burengerazuba, aho ibyo byose byirundanije, nk'umuhengeri ukomeye winjira.

97 Ah'ubwo umuhanuzi yavuze ati: "Umwana ntazarabagirana uwo munsi wose; uzaba ari umunsi w'icuraburindi." Babonye Umucyo uhagije, nk'umunsi w'imvura nyinshi, ngo bibashoboze kwinjira mu idini, kwizera Uwiteka, n'ibindi, batyo. Ah'ubwo Yavuze ati: "Igihe cya nimugoroba, ibicu bizabura, amadini azazima." Kandi bwa Butumwa Bwiza bumwe, rya Jambo rimwe ryiyambitse umubiri wa kimuntu, nk'uko Yabisezeranye muri Luka 17: 33. Bwa Butumwa Bwiza bumwe, hamwe n'ibintu bimwe, bwajyaga kuboneka igihe cya nimugoroba, neza igihe butangiye kwira. Bwa Butumwa Bwiza bumwe, wa Kristo umwe wabaye mu mubiri hariya mu ntangiriro, kun bantu b'i Burasirazuba, Azongera kuba ku bantu b'i Burengerazubaigihe cy'imperuka. "Igihe cya nimugoroba, hazaba Umucyo."

"Ibyanditswe byose byarahumetswe", kandi ntibishobora gukuka.

98 Igihe kirekire cy'iminsi mirongo itanu cyararangiye. Umunsi mukuru wa pantekote wararangiye, amasabato arindwi; kugeza ku mpanda, urugero rw'Igihe cy'Itorero cya Karindwi. Mwibuke, mwibuke… munsi y'Impand ya Gatandatu, Abayuda… Muteze amatwi? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Munsi y'Impanda ya Gatandatu, a-abapantekotebanga Bibiliya; a-abanyakazuyazi, atari abapantekote bonyine, ah'ubwo n'abandi bose. Isi y'idini yanga Kristo, kandi bamujugunya hanze.Kandi muri iyo Mpanda… Kandi, cya Kimenyetso kimwe, ah'ubwo, ubwo Cyabumburwaga, ngo Cyerekane Yesu wari hanze y'idini, Ashaka kurigarukamo; muri icyo gihe, ya Mpanda ivugira Abayuda, kandi Abayuda bamenya Impongano. Icyubahiro kibe icy'Uwiteka! Haleluya! Mbega byiza!

Mwuka Wera yaziritswe n'iriya migezi y'amadini uhereye mu myaka ikabakaba ibihumbi bibiri, ariko Agomba kuziturwa igihe cya nimugoroba, n'Ubutumwa bw'igihe cya nimugoroba. Mwuka Wera mu Itorero bundi bushya; Kristo Ubwe, uhishukiye mu mubiri wa kimuntu, igihe cya nimugoroba. Yaravuze, Yarabisezeranye.

99 Habayeho intambwe eshatu, nk'uko nabivugaga. Abahowe Imana, igihe cyo guhorwa Imana kubera ibyo; hanyuma, intambwe y'abagorozi; none ubu kikaba ari igihe cyo guhamagarirwa gusohoka.

Ubwo buzaba bushyiriweho iherezo, mu gihe cya Lawodikiya, dushingiye ku Byahishuwe 10, ubwiru bwa bibiliya bwose bwajyaga guhishurirwa Umugeni. Si byo? [Iteraniro riti: «Amina.»-U.I.] Ibyahishuwe 10. Mutege amatwi neza, hariya. Yego. Umugeni, wahamagariwe gusohoka, ahamagawe n'Ijambo; Kristo Ubwe uhamagarira Umugeni gusohoka, werekana neza icyo Abaheburayo 13: 8 ari cyo, ko "Yesu Kristo uko

yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose", ko Agokora ibyo Yakoraga, ko Atajya ahinduka. "Unyizera azakora imirimo nk'iyo Nkora." Murabona? Luka 22… cyangwa, Luka 17: 30, ndetse na Malaki 3: 23-24, Abaheburayo 4: 12, ibyo Byanditswe byose byasezeranywe, ibi byose bigomba kubera hagati y'Ibimenyetso icya Gatandatu n'icya Karindwi, no hagati y'Impanda iya Gatandatu n'iya Karindwi.

100 Umunsi mukuru wa pantekote urangirana n'igihe cy'Impanda ya Karindwi, kuko hanyuma, ari Ukuza kwa… kw'ikimenyetso cya Karindwi, kuko hanyuma, ari ubwiru bw'Ukuza kwa Kristo, ndetse kandi, Impanda Impanda ivugira Abayuda. Impanda yabo ya Gatandatu iravuze, kandi, icyo gihe, ni cyo kibamenyesha Umwana w'Imana uhishutse; igihe cy'igice cy'isaha. Mwibuke, impanda zose zivugira munsi y'Ikimenyetso cya Gatandatu. Ikimenyetso cya Gatandatu gishyirira iherezo ku bwiru, munsi y'Ikimenyetso cya Gatandatu, gato mbere y'uko icya Karindwi kibumburwa.

101 Mwitegereze, hano,hari abalewi 23: 26. Mbega ngo Ibyanditswe birakurikirana kuri gahunda! Nyuma y'igihe kirekire cya pantekote, ubwo Isirayeli yangaga koko, kiriya gihe; kandi Yahamagariye Itorero ry'amahanga gusohoka, muri icyo gihe cy'umunsi mukuru wa pantekote. Ni bangahe basobanukirwa icyo umunsi wa pantekote ari cyo? Ni imbuto ya… umuganura w'umusaruro, umuganura w'izukaumunsi mukuru wa pantekote.

Mwe gicikwa ibi, ncuti! Na mwe muteze iyi bande amatwi, muyatege neza!

Iki cyabaye igihe cy'umunsi mukuru wa pantekote. Abayuda bakomeje gutuza; baramwanga. Noneho bagomba guhamagarirwa kugaruka ku Mpongano. Twebwe, tuzi Uwari Impongano uwo ari We; bo, ntibari babizi. Kandi Impanda ivuga, nyuma ya yubili ya pantekote, ihamagarira Abayuda kwiteraniriza hamwe. Ntimubona uburyo iyo Mpanda, y'akarengane, munsi ya Hitler n'abandi, yarangiriye? Kandi Abayuda bahaswe kwiteraniriza hamwe, ngo basohoze Ibyanditswe.

Noneho, mwaba mwasobanukiwe? Abasobanukiwe mwese muvuge muti: "Amina." [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Ni byiza. Ni byiza cyane.

102 Mwitegereze, hano mu Balewi, 26, noneho, gahunda y'ikurikirana ry'Ibyanditswe. Nyuma y'igihe kirekire cya pantekote, gisozwa n'ihamagarwa risohora Umugeni. Umugeni ahamagarwa n'umugaragu ngo asohoke. Uwanzwe, hanyuma, wimenyesha Isirayeli - umunsi mukuru w'Impongano. Mwitegereze, hano, ni bimwe no mu Balewi, igice cya 16, buriya, ubwo Yashyiragaho gahunda y'ikurikirana ry'umunsi mukuru wa pantekote… cyangwa, umunsi mukuru w'Impongano, ariko hano, barahamagawe…

Yoo, mbega ngo birabonera! Murabisobanukirwa, babwirizabutumwa. Murabona? Mwe kubicikwa, bagaragu b'Imana.

Muri uyu munsi mukuru wa pantekote, ushushanywa mu Balewi 23: 26, cyangwa 23 na 24, ni umunsi mukuru w'icyunamo, si umunsi mukuru w'igitambo. Umunsi mukuru wari watambwe… Cyangwa ah'ubwo, impongano yari yatambwe. Impongano yari yatambwe. Abalewi 16, ni imbangikane nziza y'ibyo. Gusa, hano, ni ihamagarwa rya Isirayeli, ngo ijye mu cyunamo kubera ibyaha byayo. Mbega ngo birabonera, none! Si ukongera kumutamba; ari na byo byerekanywe nk'urugero na Mose, ubwo yakubitaga igitare ku ncuro ya kabiri: nta cyo byatanze. Si umunsi mukuru w'igitambo; ah'ubwo icyunamo, ku bwo kwanga Impongano. Mbega byiza! Ngicyo icyo Impanda izaba cyo; umunsi mukuru, wo kwangwa, hanyuma Mesiya wabo wimenyekanisha.

103 Mwitegereze, bazamenya Mesiya wabo ni bamubona. Azazana imbaraga, kuri iyi ncuro, Uwo bategereje. Azazana imbaraga, ku bw'Umugeni w'amahanga, kandi Abayuda bazamumenya. Hanyuma, Bibiliya ivuga… Tumaze kubibwirizaho hano, wenda hashize amezi atandatu, cyangwa arenga. Bibiliya ivuga, ubwo bazavuga bati: "Izo nkvu Zawe Wazikuye he?"

Abasubiza ati: "Mu nzu y'incuti Zanjye."

Muribuka ubwo nabwirizaga ku-ku gihe Yakobo yoherezaga abana ba Isirayeli hariya gushaka ibintu, maze Yozefu akigira nk'utabamenye; na biriya bintu byose byabaye, hanyuma akabimenyesha? Murabyibuka? Kandi bagize ubwoba bwinshi cyane ku buryo batangiye kurira. Uguhangayika kwa Yakobo, cyo kimwe.

Kandi hano tubona abayuda barenganywa; ntibazi icyo bakwikomezaho kuri ubu, ariko baragarutse.

Kandi ubwo, koko, bazabona Impongano ihinguka, Bibiliya ivuga iti: "Ubwo ba…?…,

bavugaga ko bajyaga kwiherera, buri muryango ukwawo, ko bajyaga kurira mu minsi itari mike, nk'u-nk'umuryango wapfushije umwana w'ikinege. 'Izi nguma wazikuye he?'"

Asubiza ati: "Mu nzu y'incuti zanjye." Murabona?

Mwibuke, Umugeni amaze kugera mu Ijuru; umugore wa Yozefu yari ari mu ngoro. Kandi yozefu yasohoye abari hafi ye bose, maze yihishurira bene se; murabona, Umugeni We n'abana Be, n'abandi, bari mu ngoro, ubwo Yagarukaga kwihishurira Abayuda. Ngiyo Impongano. Ngiyo Impanda yanyu ivuze. Ni bwo bavuga bati: "Yoo!" Ni ibiki? Ngiyo Impongano. "Izo nguma zivuye he?" Ngibyo ibyo ari byo.

"Mu nzu y'incuti Zanjye."

104 Muribuka ibyo bene se ba Yozefu bavuze? Ah'ubwo bavuze bati: "Noneho, tugiye kwicwa, nta shiti. Twakoze ibi. Twakoze kiriya kintu kibi."

Avuga ati: "Oya, Imana yabikoze ngo Izakize ubuzima." Muribuka inkuru, mu Itangiriro? Murabona? Murabona? Kandi nk'uko, niba Yarakoze ityo, byari ukugira ngo Ikize ubugingo bw'abo mu mahanga, Umugeni. Avuga ati: "Nazikuye mu nzu y'incuti Yanjye; ariko mwe kurakara, murabona, muhumure."

105 105.nBavuga bati: "Mbega byiza! Mu by'ukuri, ntitwajyaga kumumenya? Mbese byari Impongano, maze ntitwamumenya? Yoo Mana!" Kandi bavugaga ko «bajyaga kwiherera maze bakajya mu cyunamo mu minsi itari mike.»Ni ibiki? Impongano; agahinda. Kiriya gihe, uko kuza ko kumenyesha Impongano, si impongano isanzwe yatambwe, nko mu Balewi 16. Ariko Abalewi 23, ni ighe cy'icyunamo kubera ibyaha byabo. Kandi ibyaha byabo, ni uko bari banze impongano.

Yoo, ntimubona aho tugeze? Ntimubona impamvu izo Mpanda ari nta cyo zitumariye? Zavuze munsi y'Ikimenyetso cyacu cya Gatandatu zose. Murabona noneho impamvu Mwuka Wera atanyemereye kubivugaho? Kandi Data wo mu Ijuru azi, n'iyi Bibiliya imbere yanjye, ko ari Ukuri. Ni ejo, ejobundi gusa nabimenye; mu biro byanjye, hariya, Yarabimpishuriye, Yaje aho ndi maze Aramvugisha. Ndagaruka, mvuga nti: «Mugore wanjye, noneho nasobanukiwe. Amaze kuza aho nari ndi, maze Ansobanurira ibyo ari byo. Dore ibyo ari byo, mukundwa.» Murabona? Murabona, ngibyo ibyo ari byo, murabona, birahuye neza neza.

Yoo, mwebwe mubayeho mutafite, nimwinjire mwihuse! Wasanga ari yo mahirwe ya nyuma mwari mubonye. Ntimuzi igihe Yazazira.

Umunsi mukuru w'impanda. Bibiliya ivuga ko "bajyaga kwiherera, umwe ukwe, maze bagasenga kandi bakarira, kuko bajyaga kumera nk'uwapfushije umwana we w'ikinege".

106 Murebe, ndacyashaka kuvuga ikintu kimwe. Mwitonde, hariya; mwe gucikwa ibi. Ni iby'ingenzi cyane! Ubutumwa bwa Malayika wa karindwi (intumwa y'Ikimenyetso cya Karindwi), mu Byahishuwe 10, icyari Ikimenyetso cya Karindwi, kugeza ku Mpanda Zirindwi, hagati y'ibyo bihe byombi…

[Mwene Data Branham akubita incuro imwe mu biganza bye.-U.I.] Yoo Mana, nabivuga nte, kugira ngo abantu babibone?

Ni hagati y'iyi Mpanda ya Gatandatu, n'Impanda ya Gatandatu na… Impanda ya Gatandatu n'ikimenyetso cya Gatandatu bivugira rimwe. Kandi, hagati y'Impanda ya Gatandatu n'Impanda ya Karindwi, umuhanuzi agomba kwiyereka abanyamahanga, ngo ahamagarire abantu kugaruka ku Nyigisho za gipantekote za mbere; kandi ba bahamya babiri bo mu Byahishuwe 11biyereka Abayuda, ngo baberekeze kuri Yesu, mu gihe Itorero riba ryaramaze kuzamurwa kera. Abahanuzi bose! Amina! Ijambo ry'Uwiteka ntirishobora gukuka.Ntibizaba idini! [Mwene Data Branham akubita ku gicaniro incuro nyinshi.-U.I.] Murabibona?

107 Mubisome mu Bitabo byanyu, hano, murebe niba atari hagati y'Impanda ya Gatandatu n'Iya Karindwi ibyo byiseseka, aho Abayuda bahamagarwa hagati y'Icyago cya Gatandatu n'Icya Karindwi, tukabona kugera kuri bya bihumbi ijana na mirongo ine na bine (murabyibuka?), icyaberaga hagati ya byombi. Muribuka? Hagati ya-ya-y'Ikimenyetso, Ikimenyetso cya Gatanu n'Ikimenyetso cya gatandatu… Hagati y'Ikimenyetso cya Gatandatu n'Ikimenyetso cya Karindwi, hari ihamagarwa rya bya bihumbi ijana na mirongo ine na bine. Murabyibuka? Nyamara, ni aho izo mpanda ziseseka, aho nyine, murabona, no kubabazwa, n'amafarashi yazituwe hariya.

Kandi rero, hagati ya byombi, hagombaga kuba Ubutumwa bwa Malayika wa Karindwi, wari warabwirije kandi agacira abapantekote ho iteka. Kandi Yesu yari yarajugunywe hanze; ntibari bakimukeneye, nta na hamwe, bamujugunye hanze, bamwanze. Ni Bibiliya ibivuga. Mu by'ukuri, ni Kristo ugaragaye hagati muri twe, Yesu hagati muri twe twese, ugaragaye mu kwera kw'Ijambo Rye, Arimenyekanisha. Kandi niba ari…

Ibi si ibihimbano gusa ncuti zanjye. Ni NI KO UWITEKA AVUZE, Ibyanditswe.

108 Kandi muri icyo gihe… Noneho, uhereye igihe iryo Torero (Umugeni) ryiteranirije hamwe, Ryarazamuwe; ubwo bwiru bw'Ikimenyetso cya karindwi, cyangwa ikimenyetso cya Karindwi, ubwiru bw'izamurwa. Abayuda, bo, bahamagawe n'ubwiru bw'Impanda ya Karindwi; ni abahanuzi babiri, Eliya na Mose, bagarutse. Kandi ni aho abapantekote barindagirira: bategereza ko hari ikintu runaka kiba; na ho Itorero ryagiye kera. Ibyo, ni iby'Abayuda.

109 Ni byiza, ndumva ko, mu mutima wanjye, hari uwibwira ati: «Nta bwo yaba Mose.» Yego, ni we. Noneho, mwibuke, Ashobora kumbwira ibyo utekereza. Yego. Yego. Yego. Nkomeza kumva ayo mater-… Ni byiza.

Nimunyemerere nongere kubashyirira ibintu mu buryo. Yari Mose. Mu by'ukuri, dore ibyo mutekereza. Muvuga ko "Mose, ntibishoboka ko yaba Mose, kuko Mose yapfuye". Mutekereza ko ari Eliya. Ni Eliya, ni ukuri. ariko mutekereza muti: "Ni Henoki." Muvuga muti: "Mosey amaze gupfa." Ariko, mwibuke, ashobora kuzuka. Yarabikoze. Nyuma y'imyaka magana inani, nyuma y'imyaka amagana, yabonekeye abantu ku musozi wo Guhindurirwaho. Muvuga muti: "Nyuma yo gupfa k'umuntu?" Yego, mugabo. Lazaro yari yarapfuye, aza kuzuka, hanyuma yongera gupfa. Murabona? Nta gushidikanya. Yego. Kandi n'abagome bazazuka, hanyuma bazapfe urupfu rwa kabiri. Si byo? Rero, mwirukane ibyo mu mitima yanyu. Nta gushidikanya ni Mose. Mwitegereze umurimo mufite hariya, neza neza ibyo Mose na eliya bari barakoze: gukinga ijuru no kugusha umuriro nk'imvura. Muzi ibyo bintu, ibyo bakoze.

110 Mubitekerezeho! Ni ibihe bya nyuma, ncuti. Haleluya! Umunsi ukomeye w'Uwiteka uregereje. Mwiteranirize hamwe. Umunsi mukuru wa Mesiya; bazaba baramwanze, kandi bazamenya ko ari We Mesiya wabo. Bibiliya ivuga ko ibintu bikora ku mutima nk'ibyo byajyaga kuba.

Mu Byahishuwe 11, ihamagara, umurimo wabo, uzaba ari umurimo wa Mose na Eliya, bazahamagarira Isirayeli gusohoka mu mihango ya kiyuda; neza neza nk'Ubutumwa bwa malayika wa karindwi yahamagariye Umugeni gusohoka mu muhango wa gipantekote. Mwibuke, Mose na Eliya bagomba guhamagarira Isirayeli kureka impongano ya kera, - umwana w'intama, intama, amaraso, amasekurume, igitambo, - kugira ngo bahindukirire Igitambo kizima cy'ukuri, ngo bahindukirire Ijambo.

111 Kandi Ubutumwa bwa malayika wa karindwi, munsi yay a Mpanda imwe, bimwe muri byose, neza neza, Ikimenyetso kimwe, ni icyo (iki?) guhamagarira abantu, Umugeni, gusohoka mu muhango wa gipantekote n'umuhango w'isi, ngo ahindukirire Impongano nyakuri, Ijambo, Kristo, muzima mu Ijambo Rye hano, wiyambitse umubiri wa kimuntu hagati muri twe. Ubushakashatsi bwarabihamije, n'amafoto. Idini rirabizi, mu isi yose. Tubizi tudashidikanya, kuko ari nta cyo Yigeze atubwiza NI KO UWITEKA AVUZE cyabuze kuba Ukuri. Ntiyavuze, hariya ku mugezi ati: "nk'uko Nohereje Yohana Umubatiza, ni na ko bizamera kuri ubu Butumwa…"

Nubuye amaso, kandi itwereka saasita. Saa sita z'ijoro ziruzuye, ncuti zanjye, kuri twe. Murabona uburyo Ibyanditswe biboneye? Mu buryo buboneye, nk'uko Bi…

112 Hariya, murebe, ntirizaba ari idini rizajya hariya guhamagara Abayuda. Bazaba ari abagabo babiri, Mose na Eliya. Abahanuzi bombi.

Noneho murebe. Kugira ngo Ahamagarire abanyamahanga, umugeni, yasezeranye muri Malaki 3: 23-24 kuzongera gukora nk'ibyo.

Kandi Bibiliya ivuga ko Yajyaga kwirukanwa mu idini, mu Gihe cya Karindwi cy'Itorero.yajyaga kwirukanwa mu idini. Hazaba umwijima w'icuraburindi wuzuye, kandi hazaba… Umwijima urabera he? Mu gihe ryinjiye muri iriya mikorere ya kinyedini, muri ya nama mpuzamadini, Inama y'isi yose y'amadini. Ri… Yajugunywe hanze burundu. Ijambo Rye, ntibashobora kwemeranya na Ryo. Muzi ko badashobora. Nta n'ubwo bashobora kwemeranya hagati yabo ubwabo, mu matsinda yabo y'iwabo; ni gute

bazabyemeranyaho? Rero, bafata ikindi kimenyetso cy'inyamaswa, ishusho y'inyamaswa. Mwibuke, Bibiliya ivuga ko "hakozwe ishusho y'inyamaswa".

113 Kandi Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, hano, umubare wazo wakomeje kuba cumi na gatatu. Zatangiranye na Leta cumi n'eshatu, koloni (colonies) cumi n'eshatu; inyenyeri cumi n'eshatu, bande cumi n'eshatu; umubare cumi na gatatu, kandi ibihe byose umugore. Ahinguka mu gice cya cumi na gatatu cy'Ibyahishuwe. Kandi, mu itangira, ni umwana w'intama; ubugwaneza, umudendezo w'ijambo, umudendezo w'imyizerere, n'ibindi; maze bahabwa ubutware, hanyuma bakavugana ubutware bwose cya kiyoka cyari gifite mbere ye. Ni ibiki? Ikiyoka, byari ibiki? Roma. Murabona, habayeho ikimenyetso, ishusho y'inyamaswa, cyahagurukijwe no kurwanya Itorero nyakuri ry'Imana. Gishyigikiwe n'amadini, kizarenganya Itorero! Ariko nibatangira:

Umwana w'intama azaza gutwara mugeni We,

ngo bicarane,

Ingabo zo mu Ijuru zizaba zihari, ngwino ku meza;

Yoo, uzaba ari umunsi w'akataraboneka, abera bose

bambaye imyeru

Hamwe na Yesu bazaba mu birori by'iteka. Amina!

"Ngwino ku meza!", Umwigisha arahamagaye,

"Ngwino ku meza!" Amina!

Mbega igihe turimo, iki gihe! Nimuhunge, ncuti, munyage amaguru!

114 Noneho mwitegereze, mu kwanzura, umurimo nk'uwa malayika wa karindwi. Abahamya babiri,…?…Impanda ya Karindwi, gato mbere…cyangwa, Impanda ya Gatandatu, gato mbere y'Impanda ya Karindwi…

Noneho, mwibuke, kandi nababwiye ko najyaga kuza kuri iyo "Mpanda Ikomeye". Yavuze, ni iki Yari agiye gukora, hano, muri Yesaya? Yavuze, i… "Impanda Ikomeye yajyaga kuvuga. Impanda Ikomeye!" Si Impanda, hariya, umunsi mukuru w'impanda; hari babiri, Mose na Eliya, ngo bahamagaze Impanda. Ariko munsi y' «Impanda Ikomeye», Ukuza k'Umwami, ngo batangaze ukugaruka kwa Yozefu, murabona, kugira ngo amahanga yose ateranire i Yerusalemu. Amina. Muzasanga ibi mu Gitabo cya Yesaya. Nakiguhaye, mu kanya, kimwe mu bice twasomye; ni muri Yesaya 18:1 na 3. Kandi, muri Yesaya 27: 12 na 13, ni ho Avugiriza iyo «Mpanda», akaba ari na ho amahanga yose azamenyera Isirayeli, mu gihugu cyayo, Imana hamwe na yo.

115 Ni bwo umugeni azaza ngo abane n'umukwe, maze Umukwe na We abane n'Umugeni; hanyuma, ya Ngoma nziza y'imyaka igihumbi, nyuma y'uko isi yose izaba yarimbuwe n'imbaraga za kirimbuzi. Hanyuma hazabaho «Ijuru rishya n'isi nshya»; bazabaho by'iteka.

Nimurebe, nta shiti munsi… Noneho mwitegereze, umurimo wa mose na eliya, uzaba… Noneho, mbese mwese mwasobanukiwe? Ngiye kubisubiramo. Umurimo wa Mose na Eliya, hagati y'Impanda ya Gatandatu n'iya Karindwi, bazaba ari abahanuzi babiri ba.. ba… Isirayeli ihora yizera abahanuzi bayo.

116 Nyamara, kubera iki mwuka Wera yambwiye, ubwo nafataga inzira njya hariya kubereka ko Yari Umwana w'Imana, Yavuze ati: "Ntiharagera"? Murabyibuka, hashize imyaka ikabakaba itanu, nari mu nzira njya mu Buhinde? [Iteraniro riti: «Amina.»-U.I.] Ambwirwa ati: «Wibikora.»

Navugaga nti: «bavuze bati: 'Niba ari Mesiya, ni Aboneke akora ikimenyetso cy'umuhanuzi. Twizera abahanuzi.'»

Mwene Data n'abandi banyoherereje izi Bibiliya; ubwo bari bazihayemo miliyoni imwe Abayuda bari bavuye muri Irani n'ahandi hose, bari bagarutse, bateraniraga hamwe, ngo bahinduke igihugu.

Nibwiye nti: «Ni igihe kuri njye.» Nari nageze… i Kayiro, muri Egiputa.

Avuga ati: "We kubikora ubu. Igihe ntikiragera." Hanyuma ndataha. Yego. Mbega byiza!

117 Mose na Eliya bagomba guhamagara. Yubili ya pantekote iracyakomeje, cyangwa

yarakomeje kugeza ubu. Murabona? Noneho tugomba kumenya umunsi mukuru w'Impanda. Kandi uwa hano, uwo muri Malaki 3: 23-24, nta ho ahuriye n'uwa hariya; nta na busa, nta na busa. Mwitegereze, mrebe neza hano, uwo murimo, bazaba ari Mose na Eliya, bazakora iryo yimuka, bazahamagarira Isirayeli gusohoka muri iyo mihango ya kiyuda, mutege amatwi, bava muri iyo mihango ya kiyuda bari barashyizwemo. Nk'uko ari abahanuzi, bazamwi-bazamwizera. Bazabahamagarira umunsi mukuru w'Impongano, Kristo, bazabereka Kristo. Bazavuga bati: "Araje. Azaba ahari." Abayuda bazaterana, n'ibindi.

Hanyuma, ubwo Azaza, Azavuga ati: "Ni Njye." Murabona?

"Izo nkovu Zawe zavuye he?

- Mu nzu y'incuti Zanjye."

118 Nyamara, bimwe n'ibyo abo bahanuzi bombi bari barakoze! Mwibuke, Umugeni w'amahanga agomba kwakira umuhanuzi, witwa Eliya, Eliya, ugomba kubahamagarira gusohoka mu mihango yabo, Umugeni; neza neza nk'uko abo bahanuzi bahamagariye Abayuda gusohoka mu myizerere ya kiyuda, ngo bahindukirire Kristo, Impongano. Abanyamahanga bamaze kumenya Impongano, ah'ubwo ni uguhamagarira Umugeni kugaruka ku Mpongano ya mbere, mu gihe ayo masabato (mirongo itanu), ba… Ayo masabato yose, arndwi, ayo bagiye kure; kubahamagarira kugaruka mu gihe cy'imperuka. …Zirindwi. Mutege amatwi! Intumwa y'Itorero rya Karindwi, intumwa y'Impanda Zirindwi, bose ni abahanuzi. Uko ni ukuri.

Bya bihumbi ijana na mirongo ine na bine ni aho byiseseka.

Ihamagara, Ibimenyetso, byarebaga abanyamahanga, kugira ngo abanyamahanga bahishurirwe, kugira ngo babone Itorero ry'amahanga. Nta kindi tuzi, nta kindi tuzatega amatwi: ibyamaze kuba. Dutegereje Yesu.

Muvuga muti: "Akanya gato, hariya, Mwene Data Branham, nizera ko bazakora ibi."

119 Ikimenyetso cya nyuma Aburahamu… Kandi turi Urubyaro rwa cyami rwa Aburahamu, Umugeni. Ikimenyetso cya nyuma aburahamu yabonye, mbere y'uko ikimenyetso cyasezeranywe gisohora… ko umwana wasezeranywe aboneka, byari ibiki? Imana, mu ishusho y'umubiri wa kimuntu, yashoboraga kugenzura ibitekerezo by'abantu; umuntu umwe gusa, si cumi na babiri, umuntu umwe gusa, uko babyigana kose. Babonye Umwe gusa, kandi Yagenzuye indiba y'ibitekerezo byabo. Ni ibiki? Kandi icyaje gukurikiraho, ni uko Aburahamu na Sara bongeye kuba umusore n'inkumi. Ibyo, nta utabizi.

Noneho, nzi ko musanze bikomeye kubimira, ibyo. Ariko, mwibuke, kugira ngo mpamirizwe ko mubizi,… Ntibasoma Bibiliya batya, basoma hagati y'imirongo ngo babone, kugira ngo imbonerahamwe iboneke.

120 Mwitegereze. Sara yari umukecuru, nk'uko Bibiliya itubwira. We, bo… "Inda ye yari yarapfuye." Si byo? "Ubuzima bwa aburahamu muri we, bwari bwarapfuye, imbuto ye." Si byo?

Noneho, mwibuke, Aburahamu, imbuto ye yari yarapfuye. Nyuma y'imyaka mirongo ine, yabyaranye abahungu barindwi n'undi mugore. Ni iki Yakoze? Yahinduye imibiri yabo.

Murebe neza, bakoze urugendo rwa mayilo magana atatu [ibilometero magana atanu-U.I.] bajya I Gerari, rwari urugendo rutoroheye umusaza. Kuvuga…

Sara yatekerezaga ko batashoboraga gukora imibonano mpuzabitsina. Avuga ati: "Njyewe…" Hari hashize imyaka makumyabiri cyangwa irenga, wenda, bataraherukaga gukora imibonano mpuzabitsina. Avuga ati: "Njye w'umukecuru, n'umutware wanjye akaba ashaje nka njye; twakongera kwishima, nk'abato?"

Uwiteka avuga ati: "Ese hari icyananira Imana?"

121 Mwitegereze icyabaye. Muri ako kanya yongeye kuba umugore muto w'uburanga bwinshi. Icyerekanaga, hariya, icyerekanaga icyo Yari agiye gukorera Urubyaro rwa cyami rwa aburahamu, kugira ngo Rubashe kwakira umwana wasezeranywe. Yongeye kuba …muto.

Murebe, bagiye I Gerari. None ni iki cyabaye? Abimeleki, umwami, yaramukunze, avuga ati: "Ni mwiza, yantwaye umutima", maze afata umushinga wo kumushaka. Si

byo? Nyogokuru; kandi hari abandi bose, abakobwa bez aba hariya. Meme. «Ni mwiza cyane. Afite uburanga bwiza.» Murabona?

Imana yahinduye umubiri we, maze bongera kuba bato. Ni ubwiru bugomba guhishuka ubu, muri iki gihe, n'Umwana w'umuntu, murabona, Ubutumwa bwa nimugoroba. Murabona? Bongeye kuba bato! Kandi ikimenyetso cya nyuma babonye, hariya, cyari (iki?) uko kurondora, mbere y'uko uko guhinduka kw'imibiri yabo kubaho.

Kandi, mbere y'uko tubasaha kwakira Umwana, ni iki kiba? "Impanda y'Imana izavuga; abapfiriye muri kristo nib o bazabanza kuzuka, umubiri mushya; maze na twe abazima, bazaba bakiriho, tuzahindurwa mu kanya nk'ako guhumbya," haleluya, "kandi tuzahita tuzamurirwa icyarimwe, gusanganirira Umwami mu kirere." Ibanga ryaramenetse; ibimenyetso byarabumbuwe.

Impanda yavugiye abisirayeli; ba bahanuzi bombi bagiye guhinguka. Ni ibiki? Itorero rigomba guhita riva mu nzira vuba, kugira ngo babashe guhinguka. Ntishobora gukorana na bombi icyarimwe; nta byo Yigeze ikora. Murabona?

122 Yoo, mwene Data, reba neza! Neza neza, ngo bahamagarwe bose, bahamagarirwe gusohoka mu madini no mu mihango. Noneho tubona ko iby'itorero ry'igihe cya pantekote, byarangiye.

Umugeni agomba kuva mu nzira, agomba kuzamuka none aha; kugira ngo abo bagaragu bombi, abagaragu babiri b'Imana, bo mu byahishuwe, abo bahanuzi bombi babashe guhinguka, kugira ngo bavugirize bariya Impanda, babamyeshe Kristo.

Malayika wa karindwi, intumwa, azavuga ati: "Nguyu Umwana w'intama w'Imana ukiza icyaha cy'abari mu isi!" Atari: "Nguyu umumetodisite wanjye, umubatisite wanjye, umupantekote wanjye", ah'ubwo: "Ijambo, Umwana w'Imana, Umwana 'intama w'Imana ukiza icyaha cy'abari mu isi", kuko ari nta rundi rufatiro ruriho! Murabona?

Dusigaranye igihe kingana iki? Abayuda bari mu gihugu cyabo. Umugeni yarahamagawe. Byose bihuye neza n'Ibyanditswe, ari byo Yasezeranye. Turiteguye. Iki ni cyo gihe.

Amahanga arasandaye, Isirayeli irakangutse,

Ibimenyetso Bibiliya yavuze;

Iminsi y'amahanga irabaze, yuzuye ubwoba,

Abatatanye mwe, nimusubire mu banyu.

Igihe cy'icungurwa kiregereje,

Ubwoba buciye imitima y'abantu intege;

Nimwuzure Mwuka w'Imana, amatara yanyu

Ateguye kandi yaka,

Nimurarame, ugucungurwa kwanyu kuregereje!

Abahanuzi b'ibinyoma barabeshya, bahakana

Ukuri kw'Imana,

Ko Yesu Kristo ari We Mana yacu; ni ukuri,

Ah'ubwo tuzakurikira inzira y'intumwa.

Kuko igihe cy'icungurwa kiri bugufi,

Ubwoba buciye imitima y'abantu intege;

Nimwuzure Mwuka, amatara yanyu ateguye

kandi yaka,

(He kugira ikiba icy'impanuka.)

Nimurarame, ugucungurwa kwanyu kuregereje!

123 Umuhanuzi yavuze ati: "Igihe cya nimugoroba, hazaba Umucyo."

Igihe cya nimugoroba, hazaba Umucyo,

Inzira y'Ubwiza, ni ho uzayisanga;

Ni mu nzira y'amazi Umucyo wa none uri,

Ihambye mu Izina ry'agaciro rya Yesu.

Abato n'abakambwe, mwihane ibyaha byanyu byose,

Mwuka Wera nta kabuza azinjira muri mwe;

Imicyo y'umugoroba yaraje,

Yego, ni ukuri ko Imana na Kristo ari Umwe.

Ni ho turi! Turi ku iherezo. Si ubugoryi ubwo ari bwo bwose, bwaba buvuye ku muntu. Ni NI KO UWITEKA AVUZE.

Twubike imitwe.

124 Mana igira impuhwe, Yehova, Ishoborabyose, wavuze nk'ikuba ku musozi wa Sinayi, maze abantu barataka bati: “Mose abe ari we ujya avuga, bye kuba Imana, kugira ngo tudapfa.” Wavuze, Yehova Ukomeye uti: “Nzabahagurukiriza Umuhanuzi. Sinkibavugishije Ntya.”Ah'ubwo Watanze isezerano ry'byo Wari ugiye gukora, kandi Warabikoze; Waduhagurukirije Umwami Yesu. Ni We Jambo. Wavuze ko Yari Ijambo. “Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yari kumwe n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Kandi Jambo yiyambitse umubiri wa kimuntu, maze Aturana na twe.”

Tubona ibyo Yaduhanuriye hano, binyuze mu muhanuzi We Yohana, ku kirwa cya Patmos. Tubona bisohora, kimwe ku kindi. Tubona Mwuka Wera ugaragariye hagati muri twe, hano mu isi. Tubona amadini amujugunya hanze y'idini; Ijambo. Nta kibazo bafitanye n'abantu, ni iryo Jambo batinya. Ntiryemeranya n'imihango yabo. Neza neza ni nk'igihe Wari uri hano mu isi, Wari Ijambo, kandi Ntiwemeranyaga n'imihango yabo; hanyuma bakwirukana mu nsengero zabo, hose.

125 None ubu, Mwami, nta n'umwe wemera ko mukorana, habe na hamwe. Ngerageza no kwinjira muri Afurika y'Epfo, hariya nzi ko hari ubugingo bugitegereje. Hose, kandi bigaragara ko badashaka kunyakira, Mwami. Si impamvu yanjye, Mwami, ni ukubera ubu Butumwa. Ariko Wavuze ko ari uku byajyaga kumera, kandi Warabitumenyesheje, kugira ngo tudacika intege. Tuzi igihe turimo.

Yoo Mana, aba bantu bagumye hano bicaye muri iki gitondo, bahiringita muri iki cyumba gikabije ubushyuhe, hano. Bateze amatwi batuje. Noneho barabibina, simbishidikanya. Niba batabibona, bahishurire, Mwami, impamvu Utanyemereye kuzana izi Mpanda. Mbona ko ari nta ho zihuriye na twe. Neza neza ni ku Mpanda ya Gatandatu ibyo byasohoye, kandi Ikimenyetso cya Gatandatu cyamaze kubumburwa, twarabibonye. Kandi twabonye iyerekwa hano, mu byumweru bibiri bishize, iyerekwa ry'uko Umugeni n'idini bazaba bameze, kandi narabibabwiye hano. Neza neza nk'uko Wabinyeretse, ni ko nabivuze. Ni ho turi. Dushobora kuba igihe cyaraturangiranye tutabizi.

126 Yoo Data, niba hari umuntu hano muri iki gitondo, u-unyuzwe no kwakira ubupfumu, ibijyanye na tewolojiya, cyangwa ijambo ry'umunyatewolojiya, kandi bihabanye n'Ijambo ry'Imana! Kandi ntibazi Kristo w'ukuri, Mwuka Wera nyakuri. Ntibari babihishurirwa, Ijambo, icyo Ijambo rizaba cyo muri iki gihe. Nta kindi babona, usibye imihango. Batuye mu Mu-Mucyo ubahuma. Ni nk'ubujura buhebuje ubundi bwigeze gukorerwa muri iyi si, bwabereye mu Bwongereza,bwakozwe hifashishijwe umucyo w'ikinyoma. Kandi ubujura buhebuje ubundi bwakorewe mu rusengero Rwawe, ni igihe bemeraga kwakira umucyo w'idini maze bakanga Umucyo nyakuri wa Bibiliya, Kristo.

Yoo Mana, gira impuhwe! Kiza abarimbuka, Mwami. Ndakwinginze, nongeye gusa incuro imwe gusa, Yesu. Dufite abakundwa. Twongere akandi kanya gusa. Bidatinze iryo Buye rinini rigiye guhirima riva ku kusozi. Bitwemerere, mwami, niba hano hari abantu batarakwakira, baze none aha, n'umutima mwiza, bakwakire.

127 Mu gihe tucyubitse imitwe. Niba mushaka kuzamura ibiganza, ngo muvuge muti: “Unyibuke, Mwene Data Branham.” Ntidufite… Ibicaniro n'ahandi, haruzuye. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Ari nta bikabyo hari amagana y'ibiganza!

128 Mana Data wa twese, hari ahantu hari igicucu gito. Gikureho, Mwami. Bagumye bicaye hano muri iki cyumba. Nta… Satani ashobora kuba yarabahumye mu gihe cyatambutse, ariko ngusabye kutabyitaho, nk'uko na twe wabidukoreye mu bihe

byatambutse. Ah'ubwo mu gihe Udhamagarira twese kubona… Bibiliya ivuga ko bari impumyi; nta byo bari bazi. Yavuze iti: "Ndakugira inama yo kunguraho umuti w'amaso." Yoo Mana, shyira uwo muti ku maso yabo muri iki gitondo, kugira ngo babone. N'ubwo biciye bugufi, mu itsinda ry'abantu baciye bugufi; baciye bugufi, batageze mu ishuri, n'ibindi, ariko nyamara, ni uko byari bimeze mu ntangiriro. Bitwemerere, Mwami, bamwakire none aha. Ndabakweguriye, mu Izina ry'Umwana Wawe, Yesu.

Kandi Wavuze uti: "Uwumva Ijambo Ryanjye." Sinshidikanya, Mwami, uko mbizi, ko baryumvise. "kandi akizera Uwantumye", atari uwigana abizera, ah'ubwo akizera by'ukuri, kandi akizera icyo Ijambo ryavuze. "Afite Ubugingo Buhoraho kandi nta Teka ateze kuzacirwaho, ah'ubwo mu rupfu agera mu bugingo." Yohana 5: 24.

Bitwemerere, Mwami, babe Abawe uhereye none aha. Niba hari ugushidikanya mu mitima yabo, gukuremo. Niba hari umurwayi hagati muri twe, mwuka Wera ukomeye, Mwami,… ibyo, nzi bahari; kandi ibitekerezo byahishuwe, bahagaze hano ku gicaniro. Ibyo byose barabizi. Ngusabye kubakiza, Mwami. Shyira iherezo ku bibazo byose.

129 Urubatirizo ruraba rukinguriwe abatarigeze bibizwa mu Izina rya Yesu Kristo, ngo bafate Izina ry'Umukwe. Bafite iry'idini, iry'idini; nta muntu wigeze kubatizwa mu byitiriro bitatu bya "Data, Umwana na Mwuka Wera", cyangwa ngo asukwe utuzi ku gahanga; kandi ibyo bintu by'imihango byashyizweho n'amadini y'iki gihe, aya matwara ya antikristo, ishusho y'inyamaswa. Nta muntu wigeze kubatizwa mu Izina rya "Data, Umwana na Mwuka Wera", mbere y'uko idini gatolika rishingwa. Bibiliya yose, n'amateka yakurikiyeho yose, bivuga ko abantu babatizwaga mu Izina rya Yesu.

Pawulo yavuze, mu Bagalatiya 8: 1 ati: "N'ubwo haza Malayika wo mu Ijuru akazana ubundi butumwa, avumwe." Kandi Wategetse bariya bantu bari barabatijwe umubatizo wa Yohana, uriya wari warabatije Yesu, kuza kongera kubatizwa, mu Izina rya Yesu Kristo, mu Byakozwe 19. Kandi Wavuze uti: "Ntimukemerere na Malayika ko agira ikindi ababwira."

130 Ku munsi w'imperuka, hazaza intumwa izayobora abantu kugira ngo bagaruke ku Muganura, ngo bagaruke ku Kwizera kwa mbere. Bitwemerere, Mwami, iyo Ntumwa ikomeye iri hagati muri twe muri aka kanya, Kristo ukomeye, Mwuka Wera, waduhaye ubuzima, waduhaye gusobanukirwa, mu kutwereka Ijambo kandi Ariduhishurira, Abayobore kugira ngo bagaruke ku Kwizera kwa gipantekote kwa mbere. Nk'uko Petero yabivuze, ku munsi wa Pantekote ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, kandi mubatizwe mu Izina rya Yesu Kristo ngo mubabarirwe icyaha." Kandi ni uko byahoze bigenda, kuri buri muntu, kugeza igihe idini rya Roma ryaziye, i Nikeya.

Yoo Mana, gira impuhwe muri aka kanya. Urubatirizo ruraba ruteguye; imitima irakinguye. Injira, Mwami Yesu. Turi mu bihe bya nyuma. Niba hari amahirwe kuri bo, Mwami, yo kwinjira none aha; ni cyo niringiye, kandi mfite ibyiringiro ko ari ko bimeze. Kandi twebwe abinjiye, Mwami, twinire twisuzume none aha, Mwami, mu gihe twabonye kandi tukumva Ijwi ry'Imana, yavugiye mu Ijambo Ryayo, kandi tuzi igihe turimo. Bitwemerere, Dawe. Tubakweguriye, mu Izina ry'Umwana Wawe.

Noneho, twicishije bugufi.

Atuje, n'ubugwaneza, Yesu arahamagara,

Araduhamagara, arabahama…

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

*"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7*